# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-76 TARIKI 6 - 12 UKWAKIRA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw






AMAKURU
Daforoza Gauthier azahora mu mitima yacu- Perezida Kagame

5

AMAKURU
Mwagenje nka Kirisitu - Jeannette Kagame ashimira 'Africa New Life Ministries'

2

MU NTARA
Musanze: Isoko rya GOICO ryahiri- yemo ibifite agaciro k'asaga miliyari 30 Frw

17

IMYIDAGADURO
Abanyamwuga ba filimi nyarwanda bagiye kumurika ikinamico muri USA

26


# Perezida Kagame yijeje ko u Rwanda ruzateza imbere isiganwa ry'imodoka nto - Formula 1 (F 1)




**Perezida Paul Kagame yijeje gushyigikira ibikorwa byo guteza imbere amasiganwa y'imodoka nto - Formula 1 (F 1)**

**SHEMA Ivan**

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, yavuze ko u Rwanda rwiteguye kuba umufatanyabikorwa mwiza mu guteza imbere isiganwa ry'imodoka nto ku Isi rizwi ku izina rya Formula 1 ( F1)***

Yabigarutseho kuri uyu wa Kabiri tariki 13 Ukwakira 2026, ubwo u Rwanda rwahabwaga kwakira amasiganwa y'imodoka nto azabera muri Afurika (Formula One Africa Grand Prix), mu gihe cy'imyaka

KOMEZA KU RUP.28

## Ikigo cyo muri Singapore kirarambagiza amahirwe y'ishoramari mu Rwanda

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Ikigo gikomeye muri Singapore cyitwa Singapore Technologies Engineering (ST Engineering) cyaje kurambagiza amahirwe y'ishoramari ari mu nzego zitandukanye mu Rwanda.***

Intumwa z'icyo kigo mpuzamahanga gikora ibijyanye n'ikoranabuhanga, kubaka ibikorwa remezo birebana n'indege, imijyi igezweho, umutekano n'igisirikare, ziri mu ruzinduko rw'ubucuruzi n'ishoramari ruhuza u Rwanda na Singapore.

Mu biganiro bagiranye n'abayobozi bo mu nzego zitandukanye basobanuriwe amahirwe y'ishoramari aboneka mu bufatanye bwimakaza iterambere ry'ibikorwa remezo mu bwikorezi, gutunganya amazi n'ingufu n'izindi nzego z'imikoranire.

KOMEZA KU RUP.3

# Mwagenje nka Kirisitu - Jeannette Kagame ashimira Africa New Life Ministries




Madamu Jeannette Kagame yashimiye abatangije Umuryango Africa New Life Ministries

NTAWITONDA Jean Claude

***Mu kwizihiza imyaka 25 Umuryango 'Africa New Life Ministries' umaze, Madamu Jeannette Kagame yashimiye abawutangije, Rev. Dr. Charles Mugisha n'umugore we Pasiteri Florence Mugisha, bageze ikirenge mu cya Yezu Kirisitu bahindurira ubuzima imfubyi, abapfakazi n'abatagira kivurira igihe u Rwanda rwari ruhanganye n'ibikomere bibisi byatewe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Mu birori byabaye ku Cyumweru tariki ya 11 Ukwakira 2026, Madamu Jeannette Kagame yashimiye abo bakozi b'Imana ko bitabye umuhamagaro wo gutanga umusanzu mu kongera kubaka Igihugu mu bihe bitari byoroshye.

Yavuze ko uyu Muryango wavutse mu gihe u Rwanda rwari rukiri mu bihe byo kwakira abantu bavuye mu buhungiro, hari abagizwe imfubyi n'abapfakazi, kongera kubabanisha mu mahoro abasenywe n'ubuyobozi bubi n'ibindi byari bikenewe.

Yagize ati: "Igihe mwumvaga ari itorero mutangije gusa, mwarimo musubiza ikibazo twibazaga turi benshi, aho buri wese yibazaga ati: iwacu ni hehe? Mu rugo ni hehe? Mwabihaye igisubizo cyiza kandi gisobanutse ubwo mwiyemezaga ko iri torero ari ryo rizaba 'mu rugo' ha benshi."

Yakomeje avuga ko iri torero ryahindutse umuryango mugari, ryafashije benshi igihe Igihugu cyari gikeneye kongera kwisubiza agaciro no gukemura urwo rusobe rw'ibibazo, abatagira ingano babona ibibatunga, imitima ya benshi yari ikomeretse irahumurizwa ndetse abatari bafite icyo kurya no kwambara bitabwaho uko bikwiye.

Ati: "Mwabahaye ibitunga roho, muhumuriza imitima yari ikomeretse, ariko mubamenyera n'ibitunga umubiri. Mwabahaye ijambo ry'Imana ribasubizamo ibyiringiro, mubaha amashuri, amazi asukuye, uburyo bwo kwivuza n'ubundi bufasha, kandi ibyo byose byabasubije agaciro… Mwarakoze, mwebwe mwagenje nka Kirisitu, watwigishije ko rimwe na rimwe ugomba kubanza kugaburira ushonje, ukamwitaho, ukamwumva, mbere yo kumwigisha."

Yahamije ko 'Africa New Life Ministries' itabaye Umuryango cyangwa itorero rikorera ivugabutumwa mu Rwanda gusa, ahubwo ko yabaye abafatanyabikorwa b'indahemuka mu rugendo rwo kubaka umuryango nyarwanda.



Rev. Dr. Charles Mugisha n'umugore we Pasiteri Florence Mugisha

Ati: "Turabashimira ko mwabereye ababyeyi abana batari kuzamenya Papa cyangwa Mama, kuko bagizwe imfubyi n'amateka. Turabashimira ko mwaduhamirije, ko ubutumwa bwiza atari ububwiriza abantu ko hari ijuru gusa, ahubwo ari ubwubaka umuryango w'Imana muri ubu buzima dufite uyu munsi ku Isi."

Mu myaka 25 umaze, uyu Muryango umaze gufasha abanyeshuri barenga 21 900 kubona inkunga yo kwiga, muri bo 12 060 bakaba bakiyihabwa n'uyu munsi. Kuva yatangira mu mwaka wa 2001, Africa New Life Ministries yibanze ku bikorwa bigamije guhindura imibereho y'abantu, binyuze mu kubaka ubushobozi, guteza imbere uburezi n'ubuvuzi no kwimakaza indangagaciro za Gikirisitu.

Mu 2002, batangije ishuri ry'inshuke i Kayonza, ryari rifite aho rihurira na gahunda yo gufasha abana kuko bari batangiye kubona abaterankunga. Mu 2003, iryo shuri ryaragutse rihinduka New Life Christian Academy, hanashingwa New Life Bible Church i Kigali.

Ibikorwa by'ivugabutumwa, iby'uburezi n'iterambere ry'abaturage byakomeje kwaguka, urubyiruko rw'u Rwanda rwungukira cyane muri ibyo bikorwa byagiye bibaherekeza kugeza mu mashuri makuru na Kaminuza. Uyu Muryango waguye ibikorwa byawo birenga uburezi n'ivugabutumwa, winjira mu buvuzi no mu gufasha abagore kwiteza imbere.

Mu 2005, hatangijwe New Life Family Center i Kigali, igamije gufasha abagore batishoboye kubona ubumenyi bw'imyuga no gukura mu buryo bw'umwuka. Mu 2012, hatangijwe Dream Beauty Academy itanga amahugurwa ajyanye n'ubwiza n'imyuga ifasha abagore kwihangira imirimo.

Mu 2015, hatangiye kubakwa Dream Medical Center (DMC), yafunguriwe abaturage mu 2018. Iki kigo cy'ubuvuzi cyabaye kimwe mu bikorwa by'ingenzi by'Umuryango mu rwego rwo gufasha abantu kubona serivisi z'ubuvuzi zigezweho kandi zinoze.

# Perezida Kagame yihanganishije abacuruzi muri GOICO Plaza yibasiwe n’inkongi

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida wa Repubulika y’u Rwanda Paul Kagame yatanze ubutumwa bwo kwihanganisha no gukomeza abaturage bo mu Karere ka Musanze nyuma y’inkongi y’umuriro yibasiye inyubako ya GOICO Plaza ku wa Gatandatu, tariki ya 10 Ukwakira 2026, igatwika ibicuruzwa byinshi byari biyirimo.***

Ni ubutumwa bwatanzwe na Guverineri w’Intara y’Amajyaruguru Mugabowagahunde Maurice. Yabibwiye (RBA) mu gitondo cyo ku wa Mbere tariki ya 12 Ukwakira 2026.

Yagize ati: “Twakiriye ubutumwa bwo kutwihanganisha no kudukomeza buturutse kuri Nyakubahwa Perezida wa Repubulika. Turashimira Perezida waduhumurije, akihanganisha abaturage bo mu Ntara y’Amajyaruguru.”

Yakomeje avuga ko muri ubwo butumwa Perezida Kagame yasabye abaturage kudacika intege, ahubwo bakibuka ko GOICO yagezweho binyuze mu bufatanye bw’abaturage, bityo ko n’ibindi byinshi bashobora kubigeraho.

Ati: “Ubutumwa bw’ingenzi yatwoherereje ni ukudusaba kudacika intege no kwibuka ko GOICO yagezweho binyuze mu bufatanye n’imikoranire, kandi ko n’ibindi byinshi kurushaho bizagerwaho.”



**Perezida Paul Kagame yihanganishije abahuye n’akaga ko kuba isoko rya GOICO ryakongotse**

GOICO ni inyubako nini y’isoko ryo mu Ntara y’Amajyaruguru, yakoreragamo abacuruzi barenga 2 000.

Inkongi yadutse ku mugoroba wo ku wa Gatandatu yibasiye igice kinini cy’iyo nyubako, kuva ku gisenge kugera ku igorofa rya mbere. Abayobozi batangaje ko igorofa ryo hasi ari ryo ryangiritse bidakabije.

Abagize ishami rishinzwe kuzimya inkongi no gutabara muri Polisi y’u Rwanda, Ingabo z’u Rwanda n’abaturage bahurije hamwe imbaraga kugira ngo bazimye uwo muriro, wazimijwe mu gitondo cyo ku Cyumweru.

Impamvu yateye iyo nkongi ntiramenyekana neza, nta muntu wahasize ubuzima, ariko abantu babiri bakomeretse byoroheje, abandi 15 barahungabana bitewe n’icyo kibazo.

Ubuyobozi bw’Akarere ka Musanze bwatangaje ko benshi mu bagizweho ingaruka n’ihungabana bari bajyanywe kwa muganga basezerewe ku Cyumweru.

Ku Cyumweru, Guverineri Mugabowagahunde yavuze ko isuzuma ry’ibanze ryagaragaje ko ibicuruzwa bifite agaciro ka miliyari 30 z’amafaranga y’u Rwanda byatikiriye muri iyo nkongi, yongeraho ko inyubako y’ubucuruzi ubwayo ifite agaciro ka miliyari 17 Frw.

Yagize ati: “Nk’ubuyobozi bw’ibanze, inshingano zacu ni ugutega amatwi abacuruzi, gukora isuzuma no kumenya ibyo buri mucuruzi akeneye, yaba uwari ufite igishoro kinini cyangwa gito, uwari ufite ubwishingizi bw’ibikorwa bye n’utari abufite.”

Guverinoma yihanganishije abaturage n’abacuruzi bagizweho ingaruka n’iyo nkongi. Ni mu gihe mu itangazo Minisiteri y’Ubutegetsi bw’Igihugu yasohoye ku Cyumweru, yavuze ko Guverinoma izatanga inkunga yo gusana iyo nyubako.

# Ikigo cyo muri Singapore kirarambagiza amahirwe y’ishoramari mu Rwanda

IBIKURIKIRA URUP.1

Muri urwo ruzinduko bagize amahirwe yo guhura n’Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y’Ibikorwa Remezo (MININFRA), hamwe n’abayobozi bakuru b’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe Amazi, Isuku n’Isukura (WASAC), Ikigo cy’Igihugu gishinzwe Ingufu (REG) na Ecofleet Rwanda, baganira ku mahirwe y’ubufatanye n’ishoramari.

Ibiganiro byibanze ku kureba uburyo impande zombi zakorana mu guteza imbere ubwikorezi, gutunganya amazi n’ibikorwa remezo by’ingufu, inzego zifatwa nk’ingenzi mu iterambere rirambye ry’u Rwanda no guhindura icyerekezo cy’ubukungu n’imibereho myiza.



**Ikigo cyo muri Singapore cyitwa Singapore Technologies Engineering (ST Engineering) cyaje kurambagiza amahirwe y’ishoramari ari mu Rwanda**

Guverinoma y’u Rwanda ivuga ko urwo ruzinduko rutanga amahirwe yo gusuzuma uruhare ibigo byo muri Singapore byagira mu mishinga y’ibikorwa remezo, binyuze mu bufatanye n’inzego za Leta n’ibindi bigo bikorera mu Gihugu.

Ubumenyi n’ubunararibonye iki kigo gifite muri izo nzego bishobora kuba umusingi w’ubufatanye n’u Rwanda mu mishinga igamije kongera ubushobozi bw’ibikorwa remezo no kwihutisha iterambere ry’ubukungu n’imibereho myiza y’abaturage.

# Amatora y'inzego z'ibanze: Ibisabwa abashaka kuba Abayobozi b'Uturere n'Umujyi wa Kigali



**Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NEC, Jean Claude Musabyimana yavuze ko uwemerewe kwiyamamaza agomba kuba afite imyitwarire myiza**

ZIGAMA Theoneste

***Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) yatangaje ko amatora y'abayobozi 27 b'Uturere n'Umujyi wa Kigali azaba nyuma y'uko manda z'abayobozi bariho zirangiye mu Ukwakira 2026.***

Abashaka kwiyamamariza imyanya y'ubujyanama mu Nama Njyanama z'Uturere, ari na zo zitora abayobozi b'Uturere n'ababungirije, bazakira kandidatire hagati y'itariki ya 10 na 21 Ukwakira 2026. Ibi bikorwa biri muri gahunda y'amatora y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage.

Abayobozi b'Uturere n'Umujyi wa Kigali, ndetse n'ababungirije, batorwa n'abagize Inama Njyanama zabo.

**Ibisabwa ushaka kuba Umuyobozi w'Akarere**

Itegeko Ngenga rigenga amatora ryo mu 2026, mu ngingo ya 129, riteganya ko umuntu ushaka kwiyamamariza kuba umwe mu bagize Komite Nyobozi y'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali agomba kuba ari umwe mu bagize Inama Njyanama y'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali yo muri ako Karere.

Agomba kandi kuba afite nibura impamyabumenyi ya kaminuza cyangwa iyisumbuyeho yemewe n'urwego rubifitiye ububasha.

Ushaka kuba Umuyobozi w'Akarere agomba kuba afite nibura imyaka 25, mu gihe ushaka kuba Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali agomba kuba afite nibura imyaka 35.

Icyakora, amategeko yemera ko umuntu ufite nibura impamyabumenyi cyangwa icyemezo cy'uko yarangije amashuri yisumbuye, kandi afite uburambe bw'imyaka nibura itanu mu mirimo y'ubuyobozi, ashobora kwemererwa gutanga kandidatire.

Uwo muntu na we agomba kuba yujuje imyaka isabwa bitewe n'umwanya ashaka.

Kandidatire z'abashaka kuba abagize Komite Nyobozi y'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali zitangwa ku munsi w'amatora imbere y'Inteko Itora.

Amatora y'abagize Komite Nyobozi akorwa mu buryo butaziguye n'amatora y'ibanga.

Komite Nyobozi y'Akarere igizwe n'Umuyobozi w'Akarere, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage.

Inteko Itora igizwe n'abagize Biro z'Inama Njyanama z'Imirenge, abagize Inama Ngishwanama z'Imirenge n'Akarere, ndetse n'abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu z'Abagore, Iy'Urubyiruko, Iy'Abantu bafite ubumuga n'Urugaga rw'Abikorera ku rwego rw'Akarere.

Bityo, umuntu ushaka kuba Umuyobozi w'Akarere cyangwa Umuyobozi wungirije agomba kubanza gutorwa nk'umwe mu bagize Inama Njyanama y'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali.

**Ibisabwa abashaka kuba muri Njyanama**

Umuntu ushaka kwiyamamariza kuba umwe mu bagize Inama Njyanama y'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali agomba kuba ari Umunyarwanda, afite nibura imyaka 21, kandi akaba nta mpamvu imubuza kwiyamamaza iteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora.

Kandidatire itangwa mu nyandiko hakurikijwe amabwiriza ya NEC, hagaragazwa amazina yose, umwanya umuntu ashaka n'Akarere yiyamamarizamo.

Inyandiko isabwa iherekezwa n'umwirondoro w'umukandida (CV), kopi y'indangamuntu, icyemezo cy'imyitwarire myiza, impamyabumenyi y'amashuri yemejwe na noteri, amafoto abiri mato y'amabara, icyemezo cy'uko nta byaha ahamwa na byo ndetse n'inyandiko yashyizweho umukono cyangwa igikumwe yemeza ko inyandiko zatanzwe ari ukuri.

Umukandida ushaka kwiyamamaza mu ruhame agomba kubimenyesha mu nyandiko ubuyobozi bw'Akarere nibura amasaha 24 mbere y'igikorwa, kopi ikoherezwa no ku muhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere.

Abashaka kuba abagize Biro y'Inama Njyanama y'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali na bo batanga kandidatire ku munsi w'amatora imbere y'abagize Inama Njyanama.

Umukandida ushaka kuba umwe mu bagize Biro agomba kuba ari Umujyanama kuri urwo rwego, afite nibura imyaka 25 kandi afite impamyabumenyi ya kaminuza cyangwa iyisumbuyeho yemewe.

Naho ufite amashuri yisumbuye ariko akaba afite uburambe bw'imyaka nibura itanu mu mirimo y'ubuyobozi, ashobora na we kwemererwa gutanga kandidatire.

Mu matora y'Akarere, hatorwa Abajyanama 17. Umuntu utuye aho ari ho hose mu Rwanda ashobora gutanga kandidatire mu Karere ashaka, igihe yujuje ibisabwa.

Muri abo, Abajyanama umunani batorwa muri rusange, mu gihe abagore batanu batorwa n'abagize Inama Njyanama z'Imirenge ndetse na Komite Nyobozi z'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umurenge n'Akarere.

Abandi Bajyanama bane bahagararira ibyiciro byihariye birimo abagore, urubyiruko, abantu bafite ubumuga n'abikorera.

Abagize Inama Njyanama y'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali batoramo Biro igizwe n'umuyobozi, umuyobozi wungirije n'umwanditsi.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NEC, Musabyimana Jean Claude, yavuze ko abakandida mu matora y'Inzego z'ibanze bagomba kuba ari Abanyarwanda bafite imyitwarire myiza, bari ku rutonde rw'abafite imiziro yo kuba yahamijwe ibyaha n'ubucamanza.

Bagomba kandi kuba bafite ubuzima bubemerera gukora imirimo basaba kandi ntibabe bafite indi mirimo itemeranywa n'umwanya bashaka.

Abantu bagize uruhare mu gihombo cy'ibigo bayoboye cyangwa abakatiwe burundu igifungo kingana cyangwa kirenga amezi atandatu ntibemerewe kwiyamamaza, keretse babaye barasubijwe mu burenganzira bwabo hakurikijwe amategeko.

**Imirimo itabangikanywa no kuba Umujyanama**

Itegeko Ngenga, mu ngingo ya 119, rigaragaza imirimo imwe n'imwe idashobora guhuzwa no kuba umwe mu bagize Inama Njyanama y'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali.

Muri iyo mirimo harimo kuba umukozi wo mu rwego rw'Abaminisitiri, Umudepite cyangwa Umusenateri, umucamanza, umushinjacyaha, umupolisi, umusirikare, umukozi w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano, cyangwa umukozi w'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora.

Harimo kandi ba Guverineri b'Intara, abakozi ba Leta boherejwe gukorera mu mahanga, abakozi ba NEC n'abakozi b'Akarere cyangwa Umujyi wa Kigali.

Abandi batemerewe ni Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta n'umwungirije, Umuvunyi Mukuru n'umwungirije, ndetse n'undi wese ufite umwanya amategeko yihariye abuza guhuzwa n'uwo ashaka gutorerwa.

Icyakora, umuntu ufite umwe muri iyi mirimo ashobora gusaba uruhushya rwanditse rwo kwiyamamaza ku muyobozi umukuriye. Agomba guhagarika by'agateganyo uwo mwanya mbere yo gutanga kandidatire.

Ashobora kwiyamamaza kandi, aramutse atowe, agomba kwegura ku mwanya udashobora guhuzwa n'uwo atorewe. Iyo atatsinze amatora, ahita asubira ku mirimo ye yakoraga mbere.

# Daforoza Gauthier azahora mu mitima yacu- Perezida Kagame



Nyakwigendera Daforoza Gauthier ntazibagirana mu mateka kubera guharanira ko abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bahanwa

TWAGIRA Wilson

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, yagaragaje ko Daforoza Mukarumongi Gauthier azahora mu mitima y'Abanyarwanda, ashimangira uruhare yagize mu rugamba rwo guharanira ko abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 babiryozwa kandi ubutabera bugatangwa.***

Ibi bikubiye mu butumwa bwa Perezida Kagame bwagejejwe ku bitabiriye umuhango wo gusezera bwa nyuma kuri nyakwigendera, busomwa na Ambasaderi w'u Rwanda mu Bufaransa, Nkurikiyinka François, wari uhagarariye u Rwanda muri uwo muhango.

Yavuze ko mu butumwa bwe, Perezida Kagame yihanganishije umuryango wa Daforoza Gauthier, inshuti ze n'abandi bose bagize amahirwe yo kumumenya no gukorana na we.

Yagize ati: "Twifatanyije n'umuryango we, inshuti ze n'abamumenye bose muri ibi bihe bigoye by'akababaro gakomeye.

Daforoza Gauthier azahora mu mitima yacu kubera umurava n'ubudacogora yagaragaje mu rugamba rwo guharanira ko abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bahanwa."

Yakomeje avuga ko mu gihe cy'imyaka isaga 30, Daforoza yariyemeje guharanira ko abishwe muri Jenoside bibukwa mu cyubahiro, abarokotse bakitabwaho, ndetse n'abakekwaho kugira uruhare muri Jenoside bagashyikirizwa ubutabera.

Perezida Kagame yavuze ko we n'umuryango we bakiriye inkuru y'urupfu rwa Daforoza Mukarumongi Gauthier bafite agahinda kenshi, anashimira uruhare yagize mu bikorwa byo guharanira ubutabera.

Ambasaderi Nkurikiyinka François yavuze ko umurage wa Daforoza Gauthier uzakomeza kubaho binyuze mu bikorwa by'umuryango CPCR, yashinze afatanyije n'umugabo we, Alain Gauthier.

Uyu muryango ugamije gushakisha abantu bakekwaho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi bahungiye mu Bufaransa, kugira ngo bakurikiranwe n'ubutabera.

U Rwanda rwashimye byimazeyo ubwitange bwa Daforoza Gauthier, rwemeza ko ubuzima bwe yabuhariye guharanira ubutabera n'ukuri ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu butumwa bwa Perezida Kagame, yagize ati: "Mu izina rya Guverinoma n'abaturage b'u Rwanda, ndetse no mu izina ryanjye bwite, nifatanyije n'umuryango we, inshuti ze n'abagize amahirwe yo gukorana na we, mbagezaho akababaro n'ihumure by'umutima wanjye."

Yongeyeho ko ubwitange bwa Daphrose Gauthier bukomeje kuba isoko y'icyerekezo ku Rwanda muri iki gihe no ku bisekuru bizaza.

IBUKA yunamiye Daforoza Gauthier, imwita intwari idasanzwe

Perezida wa IBUKA, Dr Philbert Gakwenzire, na we yatanze ubutumwa bwo kunamira Daforoza Gauthier, bwagejejwe mu Bufaransa ahabereye umuhango wo kumusezeraho bwa nyuma.

Mu butumwa bwanditse mu Gifaransa, IBUKA yagaragaje ko Daforoza Gauthier yari umuntu wagize uruhare rukomeye mu guharanira ukuri n'ubutabera ku barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ubutumwa bugira buti: "Uyu munsi turasezera ku ntwari idasanzwe, Mama Daphrose Gauthier, wabayeho imyaka 72. Ntabwo yari umunyarwandakazi gusa, yari ijwi ry'abacu batashoboye kuvuga, yari urumuri rw'ubutabera."

IBUKA yavuze ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yatwaye Daforoza ababyeyi, abavandimwe n'imiryango igera kuri 80, ku ruhande rwa nyina hakaba nta muntu n'umwe warokotse.

Nubwo yahuye n'ayo mahano, yakomeje guharanira ko ukuri ku byabaye kutazibagirana, ahitamo guhindura agahinda yari afite imbaraga zo kurwanya ihakana n'ipfobya rya Jenoside no gushakira ubutabera abayigizemo uruhare.

IBUKA yagaragaje uruhare rukomeye Daforoza Gauthier yagize, afatanyije n'umugabo we Alain Gauthier, mu gushinga umuryango CPCR mu 2001.

Uyu muryango wagize uruhare mu gukurikirana abantu bakekwaho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi bahungiye mu Bufaransa, ukaba waragize uruhare mu kugeza ibirego mu nkiko z'icyo gihugu.

IBUKA yavuze ko CPCR yagize uruhare mu gutanga dosiye zigera kuri 30 zagejejwe mu nkiko z'u Bufaransa, zimwe muri zo zikavamo imanza z'abahamijwe ibyaha, barimo abakatiwe igifungo cya burundu.

Ubutumwa bwa IBUKA bukomeza buvuga ko Daforoza yari inkingi y'ingenzi muri uwo murimo.

Yahinduraga inyandiko, agasobanura ubuhamya mu Kinyarwanda, akanajya mu mashuri gusobanurira urubyiruko amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi no kurwanya ihakana n'ipfobya ryayo.

IBUKA yamushimiye uruhare yagize mu guharanira ko kwibuka bitagarukira ku magambo, ahubwo bijyana no gushaka ukuri no guharanira ubutabera.

Mu gusoza ubutumwa bwayo, IBUKA yihanganishije Alain Gauthier, abana babo batatu n'imiryango yose yabuze abayo, ivuga ko nubwo urugendo rwa Daforoza Gauthier ku isi rurangiye, umurage we uzakomeza kugira umwanya mu mateka y'u Rwanda.

Yagize iti: "Ruhukira mu mahoro. Ubutabera waharaniye buzahora ari urwibutso rwawe."

# U Rwanda rushaka gukoresha isoko rya karubone mu iterambere rirambye

NTAWITONDA Jean Claude

***U Rwanda rusanga imiyoborere ihamye, imikoranire y'inzego n'imicungire iboneye y'isoko rya karubone bishobora kurufasha kubyaza umusaruro ufatika ibikorwa bijyanye no kugabanya imyuka ihumanya ikirere bikaba isoko y'iterambere rirambye ku baturage, ku bukungu bw'Igihugu no kugabanya urusobe rw'ibinyabuzima muri rusange.***

Dr. Arakwiye Bernadette, Minisitiri w'Ibidukikije akaba na Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ishinzwe imiyoborere y'Urwego rw'Igihugu rugenga Isoko rya Karubone, yabigarutseho mu nama yahuje abagize iyo Nama y'Ubutegetsi, abahagarariye za Guverinoma, abafatanyabikorwa mu iterambere, n'abikorera bateraniye i Kigali.

Abagize izo nzego baganiriye ku bufatanye bwatuma isoko rya karubone rirushaho gukora neza mu Rwanda rikabyarira inyungu Igihugu n'abagituye.

Minisitiri Dr. Arakwiye yavuze ko iri soko risaba ubufatanye bw'inzego zitandukanye, aho kurushingira ku kigo kimwe.

Yagize ati: "Isoko rya karubone rifitanye isano n'ingufu, ubuhinzi, amashyamba, ubwikorezi, inganda, imari, ishoramari n'ubutwererane mpuzamahanga. Nta rwego rumwe rushobora gucunga iyi gahunda rwonyine."

Yasobanuye ko inshingano z'Inama Nyobozi atari ugusimbura inzego zifite ubumenyi n'inshingano za tekiniki cyangwa gucunga buri mushinga ku giti cyawo, ahubwo ari ugutanga icyerekezo rusange, guhuza ibikorwa, kubazwa inshingano no kureba ko ibikorwa by'isoko rya karubone bigirira igihugu akamaro.

**Isoko rya karubone rikora rite?**

Isoko rya karubone ni uburyo bwo gucuruza ibipimo byitwa "carbon credits", ni ukuvuga ibyemezo byemeza ko igikorwa runaka cyagabanyije cyangwa cyakuye mu kirere ingano runaka y'imyuka ihumanya, hakurikijwe uburyo bwo kuyipima no kuyigenzura bwemewe.

Muri rusange, igipimo kimwe cya karubone ishobora guhagararira toni imwe ya gaze ya karuboni ($CO_2$) cyangwa ingano ihwanye na yo y'indi myuka ihumanya ikirere.



Minisitiri w'Ibidukikije, Dr. Arakwiye Bernadette

Ibyo bipimo bishobora kugurwa n'ibigo cyangwa ibihugu bishaka gushyigikira ibikorwa bigabanya imyuka ihumanya ikirere, mu gihe abafite imishinga igabanya iyo myuka bashobora kubona amafaranga ayikomokaho.

Urugero, umushinga wo gukwirakwiza amashyiga akoresha ingufu nke, kubyaza imyanda ingufu, gukoresha ingufu zisubira cyangwa kubungabunga amashyamba bishobora kubyara ibipimo bys karubone, iyo hagaragajwe ko yagize uruhare mu kugabanya imyuka ihumanya ikirere kandi ikuzuza ibisabwa.

Icyakora, kugira ngo izo nguzanyo zizerwe ku isoko, ibisubizo umushinga utanga bigomba gupimwa, kugenzurwa no kwemezwa hakurikijwe amabwiriza n'ibipimo byemewe.

**U Rwanda rushaka gukoresha iri soko mu iterambere**

U Rwanda rwashyizeho Urwego rw'Igihugu rugenga Isoko rya Karubone mu 2023, rugamije koroshya uruhare rw'Igihugu mu masoko mpuzamahanga ya karubone no kubyaza umusaruro amahirwe aturuka mu bikorwa byo kurwanya imihindagurikire y'ibihe.

Uru rwego kandi rushyiraho uburyo bw'imiyoborere, amabwiriza n'inzira zikoreshwa mu kwemeza imishinga, kugenzura inguzanyo za karubone no gukumira ko igabanyuka rimwe ry'imyuka ihumanya ikirere ribarwa kabiri.

Ibi bifite akamaro kuko u Rwanda rwiyemeje kuba igihugu gifite ubukungu budahumanya ikirere kandi bwihanganira ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe bitarenze mu 2050.

Mu ntego z'Igihugu zerekeye ibikorwa byo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe, u Rwanda rwiyemeje kugabanya imyuka ihumanya ikirere ku kigero cya 38% bitarenze mu 2030, ugereranyije n'ingano yari kuzagerwaho hatagize ingamba zifatwa.

Isoko rya karubone rishobora gufasha mu gushaka amafaranga yo gushyigikira iyo ntego, cyane cyane mu mishinga isaba ishoramari mu ikoranabuhanga rigezweho, ingufu zisukuye, ubuhinzi burambye no kubungabunga umutungo kamere.

**Ubufatanye bw'inzego ni ingenzi**

Nk'uko Minisitiri w'Ibidukikije yabigarutseho, isoko rya karubone ntirireba gusa inzego zishinzwe ibidukikije, kuko rishingiye ku bikorwa byinshi bifite aho bihurira n'ubukungu bw'Igihugu.

Minisitiri y'Ibidukikije ihamya ko urwego rw'ingufu rushobora kugira uruhare mu mishinga y'ingufu zisubira no kugabanya ikoreshwa ry'ibikomoka kuri peteroli n'ibindi bihumanya ikirere. Mu buhinzi, imishinga ishobora kwibanda ku buryo burambye bwo guhinga, gucunga ubutaka no kugabanya imyuka iva mu bikorwa by'ubuhinzi.

Mu by'amashyamba, ibikorwa byo gutera ibiti, gusubiranya amashyamba yangiritse no kurinda amashyamba asanzwe bishobora kugira uruhare mu gukura karuboni iva mu kirere.

Mu nganda no mu gutwara abantu n'ibintu, isoko rya karubone rishobora gutera inkunga ikoreshwa ry'ikoranabuhanga rigabanya imyuka ihumanya ikirere.

Inzego z'imari n'abashoramari na bo bafite uruhare mu gutanga igishoro gikenewe kugira ngo imishinga nk'iyo itangire, ikorwe kandi igere ku musaruro uteganyijwe.

Ibi bisobanura ko guhuza inzego, gushyiraho inshingano zisobanutse no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga ari bimwe mu bizagena niba u Rwanda rubasha kubyaza umusaruro aya mahirwe.

**Ubufatanye mpuzamahanga bushobora kongera amahirwe y'ishoramari**

Isoko rya karubone rishingiye ku bufatanye hagati y'ibihugu, cyane cyane mu buryo buteganywa n'Ingingo ya Gatandatu y'Amasezerano y'i Paris yerekeye imihindagurikire y'ibihe.

Iyi ngingo iteganya uburyo ibihugu bishobora gufatanya mu kugabanya imyuka ihumanya ikirere, harimo n'uburyo bwo guhererekanya ibisubizo by'ibikorwa byo kugabanya imyuka ihumanya kugira ngo bigire uruhare mu kugera ku ntego z'ibihugu mu guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

U Rwanda na Singapore byashyize umukono ku masezerano yo gushyira mu bikorwa ubufatanye mu isoko rya karubone ku wa 6 Gicurasi 2025. Ubu bufatanye bushobora gufasha mu guteza imbere imishinga yujuje ibisabwa no guhererekanya inguzanyo za karubone hakurikijwe amategeko yemejwe n'ibihugu byombi.

Iyi mikoranire ishobora gufasha u Rwanda gukurura ishoramari, kubona amafaranga yo gushyigikira ibikorwa byo kugabanya imyuka ihumanya ikirere no kwagura amahirwe y'abashoramari bakorera mu nzego zitandukanye.

**Icyizere n'imicungire iboneye ni byo bizatanga umusaruro**

Nubwo isoko rya karubone ritanga amahirwe y'amafaranga n'ishoramari, kugira ngo rigire akamaro karambye bisaba ko ibikorwa birikorerwamo bigira umusaruro ugaragara kandi ushobora kugenzurwa.

Imishinga igomba kugaragaza ko koko yagabanyije imyuka ihumanya ikirere, ko inguzanyo zitangwa zishingiye ku bisubizo byemejwe, kandi ko ibikorwa bitabangamira ibidukikije cyangwa inyungu z'abaturage.

Ni na yo mpamvu imiyoborere, gukurikirana ibikorwa, gutanga raporo no kubazwa inshingano ari ingenzi mu gukumira uburiganya, kubara kabiri inyungu z'umushinga cyangwa gutanga inguzanyo zidahagarariye igabanyuka nyaryo ry'imyuka ihumanya ikirere.

Ku Rwanda, intego si ukugira isoko rya karubone rikora gusa, ahubwo ni ukureba ko amafaranga ava muri ryo, ishoramari n'ubufatanye mpuzamahanga bifasha kugera ku ntego z'Igihugu z'iterambere rirambye.

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Guhumuriza Abahombejwe n'Inkongi yibasiye isoko rya GOICO i Musanze*

Inkongi y'umuriro yibasiye Isoko rya GOICO i Musanze yasigiye abacuruzi igihombo gikomeye, ibasubiza inyuma mu mibereho n'imishinga y'ubucuruzi bari barashoyemo umutungo n'imbaraga. Kuvuga amagambo ahumuriza umuntu wahombejwe n'inkongi si ibintu byoroshye. Umusaruro w'imyaka myinshi, ubucuruzi bwubatswe ku mbaraga n'ibyuya, ushobora guhinduka umuyonga mu kanya nk'ako guhumbya.

Ku bacuruzi bari barahashinze imizi, gutakaza igishoro n'ibindi bari barashoye ni igikomere gikomeye, cyane ko ari ho benshi bari bashingiye imibereho y'imiryango yabo. Muri ibi bihe bikomeye, icy'ingenzi ni uko bamenya ko batari bonyine. Umuryango nyarwanda usanzwe uzwiho gutabarana mu bihe by'amage kandi inzego zitandukanye zagaragaje ko ziteguye kubaba hafi.

Guverinoma y'u Rwanda yamaze kwizeza ko izakomeza gufasha abahuye n'ibi byago. Ariko ubutabazi n'ihumure bikwiye gutangirira ku baturanyi, ku bo babana umunsi ku munsi, kugira ngo aba bacuruzi bumve ko Isi itabaguyeho burundu. Ni byiza kandi ko u Rwanda rufite inzego zihuza abashoramari nk'Urugaga rw'Abikorera (PSF), bashobora gusangira ubunararibonye no kumva uburemere bw'igihombo nk'iki.

Mu guhumuriza abahuye n'ibi byago, twakwibutsa umugani w'Abanyarwanda ugira uti: "Abishyize hamwe nta kibananira." Ubufasha bukwiye kurenga impuhwe z'akanya gato, bugategurwa ku buryo burambye bufasha aba bacuruzi kongera kwiyubaka no kwigira. Ihumure ntirihagararire ku magambo gusa, ahubwo rigaragazwe mu bikorwa bifatika.

Ku rundi ruhande, iyi mpanuka ikwiye kudusigira isomo rikomeye: Gukumira inkongi aho bishoboka hose. Amasoko ya kijyambere n'inyubako zigezweho zikorerwamo n'abantu benshi zigomba kugenzurwa kenshi, harebwa ubuziranenge bw'insinga z'amashanyarazi, hakongerwa ibikoresho byo kuzimya umuriro, ndetse abantu benshi bagahugurwa ku buryo bwo gutabara mu gihe habaye ibyago by'inkongi z'umuriro.

**Ubwanditsi**

# BNR yijeje ko ibiciro bizagabanyuka mu 2027



**Umuyobozi Mukuru wa Banki Nkuru y'u Rwanda, Soraya Hakuziyaremye**

**MUTETERAZINA Shifah**

***Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yijeje ko izamuka ry'ibiciro rishobora kugera ku mpuzandengo ya 13,9% mu 2026, ariko ikaba iteganya ko rizagabanyuka mu mwaka utaha wa 2027 rikagera munsi ya 8% mu gihembwe cya kabiri cyawo.***

Byatangajwe ku itariki ya 8 Ukwakira 2026, ubwo hatangazwaga imyanzuro yavuye mu Kanama gashinzwe Politiki y'Ifaranga n'Ubukungu muri Banki Nkuru y'u Rwanda.

Guverineri wa BNR, Soraya Hakuziyaremye yavuze ko izamuka ry'ibiciro rikomeje guterwa ahanini n'umusaruro muke w'ubuhinzi, izamuka ry'ibiciro by'ingufu ndetse n'ingaruka z'impinduka ziri ku isoko mpuzamahanga.

Ati: "Mu gihembwe cya mbere cya 2026, izamuka rusange ry'ibiciro ryageze ku mpuzandengo ya 11.2%, ugereranyije na 7.3% twari dufite mu mwaka wari wabanje. Ibi bigaragaza izamuka ry'ibiciro by'ibicuruzwa na serivisi bitarimo ibiribwa bishya ndetse n'ingufu."

Imibare y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) igaragaza ko muri Kanama 2026, izamuka rusange ry'ibiciro ryageze kuri 15,7%, rivuye kuri 14,5% muri Nyakanga. Iby'ingendo byazamutseho 24,2%, imiturire, amazi, amashanyarazi, gazi n'izindi ngufu bizamukaho 20,4%, mu gihe ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 16,3%.

Guverineri Hakuziyaremye yavuze ko mu bihembwe bibiri bya mbere by'uyu mwaka, izamuka ry'ibiciro ryarenze igipimo cyo hejuru cya 8% gisanzwe, ari yo mpuzandengo ya BNR.

Mu mpamvu z'izamuka ry'ibiciro BNR yagaragaje ko harimo izamuka rya lisansi n'amashanyarazi, ndetse n'umusaruro muke w'ubuhinzi wagize ingaruka ku biciro by'ibiribwa bishya.

BNR kandi ivuga ko ingaruka z'izamuka ry'ibiciro zishobora gukomeza n'igihe impamvu zariteye zatangiye kugabanyuka.

Guverineri wa BNR yavuze ko iyo abaturage n'ibigo biteganya ko ibiciro bizakomeza kuzamuka, abacuruzi bashobora kongera ibiciro, abakozi na bo bagasaba imishahara iri hejuru, bikongera ikiguzi cy'umusaruro.

Ati: "Iyo ingo n'ibigo bitangiye guteganya ko ibiciro bizakomeza kuzamuka, ibigo bishobora gutangira kongera ibiciro birenze izamuka ry'ibiciro by'ibyo bikoresha mu gukora cyangwa gutanga serivisi. Iyo ibi bikomeje, bishobora no gutuma abakozi basaba imishahara iri hejuru, bigakomeza kuzamura ikiguzi cy'umusaruro w'ibigo, na byo bikongera ibiciro."

Banki Nkuru y'u Rwanda ivuga ko ikoresha politiki y'ifaranga mu kugabanya iki gitutu no gufasha izamuka ry'ibiciro gusubira ku ntego y'igihe giciriritse ya 5%.

Nubwo BNR iteganya ko 2026 izarangira izamuka ry'ibiciro rikiri hejuru, ivuga ko igitutu cyaryo gishobora kugabanyuka mu mwaka utaha wa 2027.

Icyakora, iryo teganya rishobora kugira ingaruka ku ihindagurika ry'ibihe, umusaruro w'ubuhinzi, ibiciro bya peteroli n'ibiribwa ku isoko mpuzamahanga ndetse n'umutekano muke mu Burasirazuba bwo Hagati.

BNR ivuga ko izakomeza gukurikirana uko ibiciro bihagaze kandi ikaba yafata izindi ngamba igihe bibaye ngombwa, mu rwego rwo gutuma izamuka ry'ibiciro risubira ku murongo w'igihe kirekire.

# Maj. Gen. Nyakarundi yitabiriye inama y'abayobozi bakuru b'ingabo muri Afurika

**ZIGAMA Theoneste**

***Itsinda ry'Ingabo z'u Rwanda (RDF) riyobowe n'Umugaba w'Ingabo, zirwanira ku butaka, Maj. Gen. Vincent Nyakarundi, ryitabiriye inama ya mbere y'abayobozi bakuru b'ingabo muri Afurika yiga ku bikorwa bya gisirikare bitari intambara, yabereye muri Uganda.***



**Umugaba w'Ingabo, zirwanira ku butaka, Maj. Gen. Vincent Nyakarundi**

Iyo nama yabereye muri Speke Resort Conference Centre, i Munyonyo, mu Murwa Mukuru wa Uganda.

Perezida wa Uganda, Yoweri Kaguta Museveni, yagejeje ijambo ku bitabiriye iyo nama tariki ya 7 Kanama 2026, yasabye abayobozi bakuru b'ingabo muri Afurika kumva isano rikomeye riri hagati y'umutekano w'igihugu, imbaraga z'ubukungu n'ubwumvikane bwa politiki.

Museveni yavuze ko ingabo zikomeye zidashobora gukomeza kubaho mu buryo burambye hatari ubukungu bukomeye.

Yasabye ibihugu bya Afurika gushyira imbaraga mu guteza imbere ubukungu no guteza imbere umutungo, cyane cyane binyuze mu buhinzi bw'ubucuruzi, inganda, serivisi n'ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT).

Yanasabye ibihugu kwagura amasoko y'ibicuruzwa na serivisi zabyo, binyuze mu Isoko Rusange rya Afurika (AfCFTA) no kurushaho guteza imbere ubufatanye n'ubuhahirane hagati y'ibihugu byo mu Karere.

Museveni kandi yasabye inzego z'ingabo guhindura imikorere no kwitegura ibibazo bishya n'ibidasanzwe bibangamira umutekano, ndetse no kugira uruhare mu kubaka amahoro no guteza imbere ibihugu. Ati: "Umutekano n'iterambere ry'ubukungu biragendana."

Yashimiye Abagaba Bakuru b'Ingabo, Abayobozi bashinzwe iperereza n'Abakomanda b'ingabo baturutse mu bihugu bitandukanye bitabiriye iyi nama yabereye muri Uganda.

# Imishinga y'ingenzi u Rwanda ruteganya gushoramo amafaranga y'inguzanyo

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Yusuf Murangwa, yagaragaje uko Leta y'u Rwanda iteganya kwifashisha inguzanyo mu ishoramari mu nzego zishobora guteza imbere ubukungu no kubyara umutungo uzifashishwa mu kwishyura iyo myenda igihe cyo kwishyura nikigera.***

Murangwa yasobanuye ko iyo gahunda ishingiye ku gukoresha neza inguzanyo, cyane cyane izitangwa ku mabwiriza yorohereza uyifata, hagamijwe gushora imari mu bikorwa bizamura umusaruro w'ubukungu mbere y'uko igihe cyo kwishyura gitangira.

Yagize ati: "Dushora imari mu nzego twizera ko zifite uruhare rukomeye mu guteza imbere ubukungu bwacu, kugira ngo zizadufashe kubona ubushobozi bwo kwishyura uwo mwenda igihe nikigera."

Ibi Minisitiri Murangwa yabivuze mu gihe u Rwanda rwitegura kwakira miliyoni 35,7 z'amadolari ya Amerika (asaga miliyoni 52 z'amafaranga y'u Rwanda) mu rwego rwa gahunda ruheruka kugirana n'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari (IMF).

Ayo mafaranga ateganyijwe gutangwa mu Kuboza, nyuma y'uko ku wa 6 Ukwakira impande zombi zumvikanye ku isuzuma rya mbere rya gahunda y'inguzanyo y'igihe kirekire izamara amezi 38 (Extended Credit Facility (ECF).

Iri suzuma ryagaragaje ko u Rwanda rwageze ku bipimo byose byari byarashyizweho bigomba kuba byujujwe bitarenze muri Kamena 2026.

Iyo gahunda ya IMF, yemejwe muri Kamena, iteganya guha u Rwanda inkunga y'inguzanyo ingana na miliyoni 250 z'amadolari ya Amerika.

Icyakora, inguzanyo ya IMF ni igice kimwe gusa cy'inguzanyo u Rwanda rufata mu rwego rwo gushyigikira ibikorwa byarwo. Ibi bituma hibazwa uburyo Leta izabona



Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi Murangwa Yusuf yagaragaje imishinga y'ingenzi u Rwanda ruteganya gu shoramo amafaranga y'inguzanyo

umutungo ukenewe mu kwishyura imyenda ifata.

Byose bitangirira ku bwoko bw'inguzanyo

Murangwa yavuze ko ingamba za Leta zitangirira ku guhitamo ubwoko bw'inguzanyo ifata no gusuzuma amasezerano n'amabwiriza azigenga.

Yagize ati: "Navuga ko inguzanyo dufata ziri mu byiciro bibiri. Hafi 90% by'inguzanyo dufata ziri mu cyiciro kimwe, naho izindi 10% zikaba mu cyiciro cya kabiri. Hari n'icyiciro cya gatatu tutifuza gukoresha."

Icyiciro cya mbere kigizwe n'inguzanyo zitangwa ku mabwiriza yorohereza uyifata (concessional loans). Izi nguzanyo zigira inyungu nto ugereranyije n'izitangwa ku mabwiriza asanzwe y'isoko.

Bimwe muri byo bishobora kutagira inyungu na mba, bigatanga imyaka myinshi mbere y'uko kwishyura bitangira, kandi bikishyurwa mu gihe kirekire gishobora kugera ku myaka 30 cyangwa 40.

Murangwa yavuze ko igihe kirekire cyo kwishyura giha Leta umwanya uhagije wo gushora amafaranga y'inguzanyo mu bikorwa by'iterambere, kugira ngo umusaruro wabyo ube watangiye kugaragara mbere y'uko igihe cyo kwishyura kigera.

Inzego zizashorwamo amafaranga y'inguzanyo

Uburezi ni rumwe mu nzego Minisitiri Murangwa yavuze ko zishobora kubyara umusaruro urambye igihe zishyizwemo amafaranga y'inguzanyo.

Yagize ati: "Uburezi ni urugero rumwe. Iyo ufite abaturage bize, ugafata amafaranga ukayashora mu burezi, kuva mu mashuri abanza kugeza mu yisumbuye n'ahandi, uba wizeye ko mu myaka 20 iri imbere abo baturage bazaba bafite umusaruro mwinshi, ku buryo bazafasha kwishyura ya nguzanyo wafashe ku nyungu ya 0%."

Yavuze ko ihame nk'iryo rinakoreshwa mu rwego rw'ubuzima, kuko uburezi n'ubuzima biri mu byiciro bigize ishoramari mu kongera ubushobozi bw'abaturage.

Yagize ati: "Icyo tugamije ni ukugira abaturage bize kandi bashoboye gutanga umusaruro, ndetse n'abaturage bafite ubuzima bwiza bashobora gukora no kugira uruhare mu iterambere."

Uwo muyobozi yahamije ko ingamba za Leta y'u Rwanda ari ugukoresha amafaranga y'inguzanyo mu bikorwa byongera umusaruro w'ubukungu, kugira ngo igihe cyo kwishyura nikigera, igihugu kizabe gifite ubushobozi buhagije bwo kubona amafaranga yo kwishyura iyo myenda.

Ingamba ku nguzanyo zishyurwa mu gihe gito

U Rwanda runafata inguzanyo zitangwa ku mabwiriza yoroheye uyifata ku rugero ruciriritse, (semi-concessional loans).

Izi nguzanyo zigira inyungu zisumbuyeho ugereranyije n'iziri mu cyiciro cya mbere, kandi zigakoreshwa mu mishinga ifite akamaro kanini iteganyijwe gutanga umusaruro mu gihe gito.

Murangwa yagize ati: "Izi ni amafaranga umuntu afata nk'inguzanyo kugira ngo ayashore mu mishinga ifite akamaro kanini n'umusaruro mwinshi, ariko itanga umusaruro mu gihe gito."

Yatanze urugero rw'ikibuga cy'indege nk'umwe mu mishinga ishobora guterwa inkunga n'ubu bwoko bw'inguzanyo.

Yagize ati: "Reka dufate urugero rw'ikibuga cy'indege. Ufata inguzanyo ku nyungu ya 2%, ukagira imyaka itatu cyangwa itanu yo gutegereza mbere yo gutangira kwishyura. Kubaka ikibuga cy'indege mu myaka itatu, kikaza gutanga umusaruro mwinshi. Ukabona amafaranga menshi utari kubona iyo icyo kibuga kitaba gihari."

Minisitiri Murangwa yavuze ko ihame ry'ingenzi ari uko umusaruro uzava mu ishoramari ugomba kurenga ikiguzi cy'amafaranga yakoreshejwe mu kurishyigikira.

Yagize ati: "Intego ni uko ibyo ushoramo amafaranga bigira umusaruro urenze ayo uzishyura. Icyo ni cyo kintu cy'ingenzi. Ugomba gushora imari mu bikorwa bifite umusaruro urenze amafaranga uzishyura."

Ese kwishyura imyenda biza-

KOMEZA KU RUP.9

# Imishinga y'ingenzi u Rwanda ruteganya gushoramo amafaranga y'inguzanyo

IBIKURIKIRA URUP.8

tuma imisoro yiyongera?

Minisitiri Murangwa yavuze ko Leta idateganya guhita izamura imisoro kubera gusa ko igihugu cyafashe inguzanyo cyangwa kiri gushyira mu bikorwa gahunda ya IMF.

Yagize ati: "Tugenzura neza ibyerekeye imisoro. Tuyishyiraho gusa iyo tubona ko ikenewe kandi ko hari gahunda tugomba gushoramo amafaranga."

Yongeyeho ko Leta isuzuma ingaruka imisoro ishobora kugira ku bayitanga, ikirinda gufata ingamba zishobora kubagiraho ingaruka kandi ko Leta isanzwe ifite gahunda y'imisoro iteganyijwe kugeza ahagana mu mwaka wa 2030, ariko ko ishobora kuyivugurura bitewe n'uko ubukungu buhinduka.

Guhuza kwishyura imyenda n'iterambere ry'Igihugu

Ingamba z'u Rwanda zo gucunga imyenda zigomba no kujyana n'imbaraga zo kugenzura no kugabanya amafaranga Leta ikoresha.

Nubwo u Rwanda rushaka gukomeza gushora imari mu bikorwa remezo no mu yindi mishinga y'iterambere, gahunda yarwo na IMF isaba ko imari ya Leta icungwa neza, amafaranga akoreshwa agahuza n'ubushobozi bw'igihugu bwo kuyabona.

Ibi bizwi nka fiscal consolidation, bisobanura gufata ingamba zo kugenzura imikoreshereze y'amafaranga ya Leta no kugabanya icyuho hagati y'amafaranga yinjira n'asohoka.

Minisitiri Murangwa yemeye ko hari igihe ibi bishobora guteza ikibazo cyo guhitamo hagati yo kugabanya amafaranga akoreshwa no gukomeza gushora imari mu iterambere.

Yagize ati: "Mu buryo busanzwe, mu bitekerezo, ibyo byombi byagombye kugongana. Iyo ugabanya amafaranga akoreshwa ku ruhande rumwe, uba unagabanyije amafaranga yashoboraga gushorwa mu iterambere."

Yongeyeho ati: "Ariko mu bikorwa, turabicunga. Ni akazi kacu ko gushyira ibintu ku murongo, kugira ngo amakimbirane hagati y'izo ntego abe make cyane cyangwa ntabeho."

Yavuze ko guhuza izo ntego bijyana n'ibyo u Rwanda rwiyemeje kugeraho muri Gahunda ya Kabiri y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2), ihuza imicungire y'ubukungu n'iterambere ry'igihugu.

Murangwa yagize ati: "Turashaka ubukungu bwiza kandi buhamye, ariko nanone tugashaka iterambere ryiza."

Murangwa yavuze ko u Rwanda ruteganya gukomeza imishinga y'iterambere nubwo ruzaba rugabanya cyangwa rugenzura imikoreshereze y'amafaranga ya Leta.

Icyakora, umuvuduko iyo mishinga izakorerwaho ushobora guhinduka bitewe n'imiterere y'ubukungu n'ubushobozi bw'igihugu mu bijyanye n'imari.

Yavuze ko hari imishinga ishobora kugenda buhoro cyangwa ikihutishwa, bitewe n'ibikenewe, mu gihe Leta ihuza ibyifuzo by'iterambere n'inshingano ifite zo kwishyura imyenda.

Yashimangiye ko intego ari ugukomeza gushora imari mu bikorwa by'iterambere, ariko hakirindwa ko inguzanyo igihugu gifata zirenga ubushobozi bw'ubukungu bwo kuzishyigikira no kuzishyura igihe cyagenwe nikigera.

# Umusaruro w'inganda mu Rwanda wazamutseho 6,8%

TWAGIRA Wilson

***Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), muri raporo yayo ngarukakwezi, bwatangaje ko umusaruro w'inganda mu Rwanda wazamutseho 6,8% muri Kanama 2026 ugereranyije n'ukwezi kwa Kanama mu mwaka wabanje wa 2025.***

Ku birebana nuwo musaruro mu by'inganda, iyo raporo yitwa IIP cyangwa [Index of industrial production] NISR yashyize ahagaragara igaragaza ko ubwiyongere bw'uwo musaruro w'ibikomoka ku gutunganya ibintu mu nganda umusaruro wabyo wazamutseho 4,8%, amashanyarazi yazamutseho 17,6% na ho umusaruro waturutse ku bijyanye n'amazi no gutunganya imyanda uzamuka ku kigero cya 10,5% ugereranyije n'umwaka ushize wa 2025.

**Umusaruro w'ibikomoka ku mbaho n'amacapiro warazamutse**

NISR yagaragaje ko umusaruro w'ibinyobwa n'itabi wagabanyutse ku kigero cya 3,2%, ni mu gihe umusaruro w'ibikomoka ku mbaho, impapuro n'icapiro wo wazamutseho biciro by'ibyoherezwa n'ibitumizwa mu mahanga.

Yves Kagame, Umuyobozi ushinzwe ihuzabikorwa ya Politiki y'u Rwanda yo guteza imbere Ibigo bito n'ibiciriritse n'ihanga ry'Imirimo muri MINICOM, na we yemeza ko urwego rw'inganda rurimo kugenda ruzamuka mu Rwanda.

Ni nyuma y'aho Leta ishyiriyeho ingamba zo guteza imbere ibikorerwa mu Gihugu. Akomeza avuga ko inganda zagiye zizamuka ku rwego rushimishije, ari naho Leta isabwa gushyira imbaraga.




Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yatangaje ko umusaruro w'inganda wiyongereyeho 6,8% muri Kanama 2026

nganda, bwagizwemo uruhare n'ibijyanye no gutunganya ibiribwa wiyongereyeho 7,0%, gutunganya ibikoresho birimo iby'ubwubatsi bidakozwe mu byuma birimo nk'ibirahuri, sima, amakaro n'ibindi wiyongeraho 10,4% naho ibikozwe mu byuma birimo nk'imashini n'ibindi bikoresho byiyongera ku kigero cya 10,8%.

Kuri iyo raporo NISR yashyize ahagaragara ku wa 5 Ukwakira 2026, yerekana ko umusaruro w'urwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro wiyongereyeho 26%, mu gihe umusaruro w'urwego rwo 7,3%.

U Rwanda rwakomeje guteza imbere inganda, ndetse mu 2006 rwatangije gahunda y'ibyanya by'inganda hagamijwe kwihaza mu bikorerwa mu gihugu, habanje icya Kigali mu gihe icya Rwamagana ari cyo cyashyizweho nyuma mu 2017.

Mu mpera z'umwaka ushize wa 2025, Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) yatangaje ko urwego rw'inganda rwazamutse rugatanga akazi ku byiciro by'abantu batandukanye ndetse zigira uruhare mu gushyira ikinyuranyo ku

Mu gikorwa cyo gutaha uruganda A- ZF Global Trading, rwagenewe gukora ibikombe bikozwe mu mpapuro byitwa ISHEMA PAPER CUP tariki 6 Ukwakira 2026, MINICOM yasobanuye ko urwego abantu bagezeho ari rwiza.

MINICOM ivuga ko urwego n'umuvuduko u Rwanda rugezeho ari rwiza, ariko hakiri urugendo rurerure, ni yo mpamvu muri Gahunda ya Guverinoma y'imyaka itanu yo kwihutisha iterambere hari icyizere cyo kwesa imihigo.

# Perezida Kagame yakiriye itsinda ry'abahuza mu biganiro by'amahoro muri RDC




**Perezida Paul Kagame yahuye n'abagize itsinda ry'Abahuza bashyizweho na AU mu gukemura ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame ku itariki ya 7 Ukwakira 2026 yahuye n'abagize itsinda ry'Abahuza bashyizweho n'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU) mu gukemura ibibazo by'umutekano muke wo mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (DRC) ugira ingaruka ku Karere kose k'Ibiyaga Bigari.***

Iri tsinda ryari rigizwe n'abahoze ari Abakuru b'Ibihugu barimo Sahle-Work Zewde wahoze ayobora Ethiopia, Uhuru Kenyatta wahoze ayobora Kenya, Mokgweetsi Masisi wahoze ayobora Botswana, ndetse na Yackoley Kokou Johnson, Minisitiri wungirije w'Ububanyi n'Amahanga wa Togo.

Perezidansi y'u Rwanda yatangaje ko ibiganiro byabo byibanze ku nzira y'amahoro iyobowe n'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe, ndetse n'ibikwiye gukurikiraho mu rwego rwo kugera ku mahoro n'umutekano birambye mu Burasirazuba bwa RDC.

Ibiganiro byanibanze ku gukemura ibibazo by'ingenzi biri mu ntandaro y'umutekano muke umaze igihe muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo ugira ingaruka ku bihugu by'abaturanyi mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Uru ruzinduko rw'abahuza ruje nyuma y'ibiganiro bagiriye i Goma ku wa 5 Ukwakira 2026, aho bahuye n'abahagarariye Ingabo zoherejwe mu Butumwa bw'Amahoro muri RDC (MONUSCO), Umuryango w'ubugiraneza wa OCHA, Umuryango Mpuzamahanga wa Croix-Rouge, uburyo bwo kugenzura iyubahirizwa ry'amasezerano y'umutekano, ndetse n'abahagarariye Ihuriro AFC/M23.

Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe wavuze ko ibyo biganiro byari bigamije kumva ibitekerezo by'impande zitandukanye ku nzira y'amahoro, ku mutekano, ku kibazo cy'ubutabazi ndetse n'ingamba zo kongera icyizere hagati y'impande zihanganye.

Itsinda ry'abahuza kandi ryasabye impande zirebwa n'amakimbirane kubahiriza ibyo ziyemeje ku bijyanye no guhagarika imirwano, gukorana n'uburyo bwo kugenzura iyubahirizwa ry'amasezerano no kwirinda ibikorwa bishobora kubangamira inzira y'amahoro

**AU ikomeje gushimangira inzira ya politiki**

Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe umaze igihe ushyigikira ibiganiro bya politiki nk'inzira yo gushakira umuti urambye ikibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC.

Mu myanzuro y'Inama y'Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma ya AU yo muri Gashyantare 2026, uyu Muryango wagaragaje ko nta gisubizo cya gisirikare gishobora gukemura burundu amakimbirane yo mu Burasirazuba bwa RDC, usaba impande bireba gushyira imbere inzira ya politiki n'ububanyi n'amahanga, no kubahiriza amasezerano y'amahoro yashyizweho umukono.

Ibiganiro iryo tsinda ryagiranye na Perezida Kagame biri mu bikorwa bikomeje gukorwa mu rwego rwo guhuza imbaraga z'ibikorwa by'amahoro bya Afurika no gushaka igisubizo kirambye ku bibazo bimaze igihe bibangamira amahoro n'umutekano mu Burasirazuba bwa RDC, ku Rwanda no ku bindi bihugu byo mu Karere.

U Rwanda kandi ni ingenzi muri ibyo bibazo kuko rukomeje gushyira imbaraga mu kuzahura umubano warwo na RDC wazahajwe n'ibyo bibazo by'umutekano muke bishingiye ahanini ku mutwe w'iterabwoba wa FDLR washingiwe muri icyo gihugu n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

# Perezida Kagame na Cheikh Niang baganiriye ku mubano w'u Rwanda na Senegal

**IMVAHO NSHYA**

***Perezida wa Repubulika, Paul Kagame yakiriye Cheikh Niang, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga, Kwihuza kwa Afurika no kwita ku baturage ba Senegal baba mu mahanga, baganira ku buryo bwo kurushaho gushimangira umubano w'ibihugu byombi.***

Ibiganiro byabo, ubwo yamwakiraga muri Village Urugwiro, tariki ya 8 Ukwakira 2026, byibanze ku kongera ubufatanye hagati y'u Rwanda na Senegal, mu gihe ibihugu byombi bikomeje guteza imbere umubano ushingiye ku bufatanye mu nzego zitandukanye.

Ibyo biganiro byaikurikira inama ya mbere ya Komisiyo Ihoraho Ihuriweho n'u Rwanda na Senegal ishinzwe ubutwererane, yabaye ku wa Gatatu tariki ya 7 Ukwakira, aho ibihugu byombi byasinyanye amasezerano y'ubwumvikane (MoUs) 11 agamije guteza imbere ubufatanye mu nzego zitandukanye.

Muri iyo nama kandi, habaye inama y'Ihuriro ry'abashoramari b'u Rwanda n'aba Senegal, yari igamije kurushaho guteza imbere ubucuruzi n'ishoramari hagati y'ibihugu byombi.

Ibiganiro bya Perezida Kagame na Minisitiri Cheikh Niang bibaye mu gihe u Rwanda na Senegal bikomeje gushaka uburyo bwo kwagura amahirwe y'ubufatanye, cyane cyane mu bucuruzi, ishoramari n'izindi nzego z'iterambere.

Guverinoma y'u Rwanda itangaza ko umubano wayo na Senegal ari uw'imyaka myinshi, ndetse hagiye habaho imikoranire izira amakemwa by'umwihariko ishingiye ku masezerano yagiye asinywa hagati y'ibihugu byombi guhera mu mwaka wa 2004.

Mu mwaka wa 2011, ni bwo u Rwanda rwafunguye Ambasade yarwo i Dakar, mu gihe Senegal na yo yafunguye Ambasade yayo i Kigali mu mpera z'umwaka wa 2020 itangira gukora mu buryo bwuzuye mu 2021.



**Perezida Paul Kagame yakiriye Cheikh Niang, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga, Kwihuza kwa Afurika no kwita ku baturage ba Senegal baba mu mahanga**

Ubutwererane bw'ibihugu byombi bukomeje kwaguka mu nzego nyinshi uhereye kuri dipolomasi ukagera ku bukungu, ishoramari, uburezi, ikoranabuhanga, ubuhinzi, ubukerarugendo, umuco, siporo, ubutabera n'izindi nzego.

Mu rwego rwo kurushaho kunoza imikoranire mu bukungu, mu Nama y'ubucuruzi n'ishoramari yabaye hagati y'itariki 6-7 Ukwakira, Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere n'Ikigo gishinzwe Iterambere ry'Ishoramari muri Sénégal (APIX) byasinyanye amasezerano agamije koroshya imikoranire y'abacuruzi b'ibihugu byombi.

Ayo masezerano yitezweho gufasha mu kongera ishoramari n'ubucuruzi, cyane cyane mu buhinzi n'inganda zitunganya umusaruro, ubwubatsi, imitungo itimukanwa, imyambaro n'ubucuruzi ndetse akazanafasha ibicuruzwa bikorerwa mu Rwanda kugera ku isoko rya Senegal byoroshye.

# U Rwanda na Sénégal biyemeje gusigasira dipolomasi no kwimakaza ishoramari n'ubucuruzi

**ZIGAMA Theoneste**

***Mu gihe ubucuruzi hagati y'u Rwanda na Sénégal bukiri ku rwego rwo hasi, aho mu 2025 bwageze kuri miliyoni 131 z'amafaranga ya CFA, ahwanye na miliyoni 327 Frw, i Kigali habereye inama y'ubucuruzi yahuje abikorera bo muri ibi bihugu byombi, igamije guhindura umubano mwiza wa politiki mo ishoramari n'ubufatanye burambye.***

Iyi nama yabaye ku wa 6 Ukwakira 2026, ihuza Komisiyo Ihuriweho y'Ubutwererane hagati y'u Rwanda na Sénégal. Yateguwe n'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) ku ruhande rw'u Rwanda ndetse n'Ikigo gishinzwe Iterambere ry'Ishoramari muri Sénégal (APIX).

Yitabiriwe n'ibigo by'abikorera mu nzego zitandukanye, zirimo ubwikorezi, ubwubatsi, ibikorwa remezo, ibikomoka ku mpu n'imideli, ubuhinzi n'inganda zitunganya umusaruro, ndetse n'izindi serivisi.

Muri iyi nama hasinywe amasezerano y'ubwumvikane (MoU) hagati ya RDB na APIX, azashyiraho urwego rwo kongera imikoranire hagati y'abacuruzi b'ibihugu byombi, gusangira amakuru ku mahirwe y'ishoramari no gukurikirana imishinga igamije guteza imbere ishoramari ku mpande zombi.

**U Rwanda ruracyafite amahirwe yo kuba irembo ry'isoko ry'akarere**

Umuyobozi Mukuru Wungirije wa RDB, Juliana Muganza, yavuze ko ubukungu bw'u Rwanda buri mu bihe byiza, aho bwazamutseho 9,4% mu 2025 ndetse bukomeza kuzamuka ku kigero nk'icyo mu gihembwe cya kabiri cya 2026.

Yavuze ko mu 2025 u Rwanda rwakiriye ishoramari rifite agaciro ka miliyari 2,62 z'amadolari ya Amerika, mu mishinga igera kuri 800 yitezweho guhanga imirimo igera ku 40 000.

Ati: "[...]Byongeye kandi, hari umuhate wo gutuma u Rwanda ruba ahantu hizewe kandi harushanwa mu bucuruzi."

Muganza yavuze ko inshingano za RDB zitagarukira ku kwandika abashoramari, ahubwo ko inafasha abashaka gushora imari kubona serivisi zitandukanye binyuze muri One-Stop Center.

Ati: "Inshingano yacu ntirangirira ku kwandika umushoramari. Binyuze kuri One-Stop Center, dufasha kubona ubuzima gatozi, kubona ibyangombwa, guhuzwa n'inzego zitandukanye, gukemura ibibazo bishobora kuvuka no kwaguka."

Yongeyeho ko amahirwe ahari arenze isoko ry'u Rwanda gusa, kuko igihugu gishaka kuba icyicaro abashoramari bakoreraho bakagera ku masoko yo mu karere.




**U Rwanda na Senegal biyemeje kuzamura ishoramari**

Ati: "Turashaka ko abashoramari bafata u Rwanda nk'icyicaro cyo kubakiraho bagashora imari mu Karere. Isoko ry'u Rwanda rifite abantu miliyoni 18, ariko abashoramari bashobora kubona amahirwe yo kugera no ku masoko yo mu karere. Isoko rusange rya Afurika (AfCFTA) rirushaho gushimangira ayo mahirwe."

**Haracyari icyuho hagati y'umubano wa politiki n'ubucuruzi**

Ku ruhande rwa Sénégal, Umuyobozi Mukuru Wungirije wa APIX, Moustapha Cissé, yashimye uburyo u Rwanda rwakira abashoramari n'abashyitsi, ariko agaragaza ko ubucuruzi hagati y'ibihugu byombi bukiri hasi cyane.

Ati: "Ubucuruzi hagati ya Sénégal n'u Rwanda buracyari hasi cyane. Bwari kuri miliyoni 131 z'amafaranga ya CFA mu 2025, ni ukuvuga miliyoni 327 z'amafaranga y'u Rwanda. Ku bijyanye n'ishoramari, nta mushinga n'umwe w'u Rwanda turandika muri Sénégal."

Cissé yavuze ko itandukaniro riri hagati y'umubano mwiza wa politiki n'ubuke bw'ubucuruzi n'ishoramari ari ikibazo ibihugu byombi bigomba gukemura.

Ati: "Itandukaniro riri hagati y'umubano mwiza wa politiki n'ubuke bw'ubucuruzi n'ishoramari ni yo mbogamizi tugomba gukemura."

Yagaragaje ko Sénégal ikomeje kuvugurura ibikorwa remezo by'ishoramari binyuze mu itegeko rishya ry'ishoramari ryashyizweho mu 2025, koroshya inzira z'ishoramari no guteza imbere itangwa rya serivisi hifashishijwe ikoranabuhanga.

Ati: "APIX nk'ikigo gishinzwe guteza imbere ishoramari n'imishinga minini, ifasha abashoramari kumenya amahirwe ahari no gusobanukirwa amategeko. Ubufatanye hagati ya APIX na RDB buzibanda ku kumenya imishinga y'ishoramari, gutegura ingendo z'ubucuruzi no kunoza imikoranire y'ibigo."

Abacuruzi b'u Rwanda basanzwe bitabira imurikagurisha nka Dakar International Fair, aho bamurika ibikorerwa mu Rwanda birimo ikawa, ibikomoka ku buhinzi, ibikozwe mu mpu, imyenda, imitako n'amavuta yo kwisiga.

**Abashoramari b'u Rwanda biteze amahirwe muri Sénégal**

Abashoramari b'u Rwanda bavuga ko ubufatanye bushya hagati ya RDB na APIX bushobora gufasha gukemura zimwe mu mbogamizi zagiye zibangamira ubucuruzi hagati y'ibihugu byombi.

Umushoramari ukora ibikorwa bijyanye n'imyambaro mu kigo cya, GLO CREATIONS LTD Kamanzi Uwera Gloria, yavuze ko amasezerano yashyizweho umukono ashobora koroshya gutumiza no kohereza ibicuruzwa hagati y'ibihugu byombi.

Ati: "Bizatworohereza mu gutumiza ibicuruzwa tubizana hano. Ikindi, Sénégal ni igihugu gifite ibyo kwigiraho mu ngeri zitandukanye, kuko kirakomeye cyane mu Muryango w'ibihugu bivuga Igifaransa. Natwe ni amahirwe tubonye, kuko tuzabasha gukemura inzitizi zari zihari."

Yagaragaje kandi ko ibiciro by'ingendo zo mu kirere n'ubwikorezi bikiri imwe mu mbogamizi zikomeye.

Ati: "Mu ngendo zo mu kirere zirahenze kuko ntabwo dufite indege yacu ijyayo, dukoresha Ethiopia kandi ibiciro biri hejuru. N'ibicuruzwa ku bwikorezi na byo birahanitse. Tugomba kureba icyakorwa tugashaka umurongo twagenderaho.

Niba ari ibintu bishobora kugenda, tukabisaba yaba RwandAir n'abandi bashobora kubikora, kuko birashoboka. RwandAir ifite n'indege zitwara imizigo. Nitubasha gukorana n'Abanya-Sénégal, tuzatera imbere."

Nzamwita Pacifique, umushoramari mu bijyanye n'ubwubatsi n'ubwikorezi mu bihugu bya Afurika na Aziya, na we yavuze ko ibiciro by'ingendo hagati ya Kigali na Dakar ari imwe mu mbogamizi zikomeye.

Ati: "Hari imbogamizi z'ingendo hagati ya Kigali na Dakar, aho zimara hagati y'iminsi ibiri cyangwa itatu kugira ngo ugere i Kigali, ugasanga n'indege ubwazo ntizikorana neza. Ugasanga hagati ya Dakar na Kigali birahenze kurusha kuva i Kigali ujya i Vancouver muri Canada."

Yavuze ko itike hagati ya Kigali na Dakar ishobora kugura hagati ya 1 800 na 2 000 by'amadolari ya Amerika, bikaba bishobora kubangamira abifuza gukora ubucuruzi hagati y'ibihugu byombi.

Ati: "Icyo gihe abantu bazakora ubucuruzi, byari imbogamizi. Ariko twumvise RDB na RwandAir bazabiganiraho, kuko ubucuruzi si umuzigo ahubwo ni amahirwe y'ibihugu byombi."

Kamayirese Jean d'Amour, umushoramari mu bijyanye n'ibikomoka ku mpu, yavuze ko abikorera bo muri uru rwego babonye amahirwe akomeye ku isoko rya Sénégal.

Ati: "Amahirwe ni menshi. Tugiye kujyana muri Sénégal ibikomoka ku mpu, ndetse u Rwanda rugiye kubaka uruganda ruzitunganya ruzajya rudufasha kohereza ibi bikoresho bitunganyije neza."

# Imanza z’abana zahawe umwihariko mu nkiko

ZIGAMA Theoneste

***Urukiko rw’Ikirenga rwashyizeho amabwiriza agamije gutuma imigendekere y’imanza z’abana irushaho kubagirira akamaro no kubarinda binyuze mu buryo zakirwa, uko ziburanishwa n’uko zifatwaho umwanzuro.***

Aya mabwiriza yashyizweho umukono na Perezida w’Urukiko rw’Ikirenga, Domitilla Mukantaganzwa, ashyirwa mu Igazeti ya Leta yo ku wa 1 Ukwakira 2026, azatangira gukurikizwa ku wa 1 Ugushyingo 2026.

Ni amabwiriza avuga ko aho bishoboka, inkiko zizajya zishyiraho iminsi yihariye yo kuburanishamo imanza zirimo abana, ndetse hashyirweho n’abacamanza bazihuguriwe kugira ngo baziburanishe.

Aya mabwiriza areba umuntu wese utarageza ku myaka 18, yaba arebwa n’urubanza rw’inshinjabyaha, urw’imbonezamubano.

Mu mabwiriza mashya, abashinjacyaha basabwa gutanga raporo irambuye ku mwana mbere y’uko urukiko rwandikisha urubanza rumwakira.

Iyo raporo izajya ishyirwa muri dosiye y’urubanza, kandi kutayitanga bituma urubanza rudashobora kwandikwa mu rukiko.

Ibi bireba umwana ukekwaho icyaha kimwe n’umwana wagizweho ingaruka n’icyaha.

Raporo igomba kugaragaza amateka y’umwana n’umuryango we, ubuzima bwe, amashuri, imikurire n’imibereho yo mu rugo, ndetse n’ibyavuye mu isuzuma ry’ubuzima cyangwa iry’imitekerereze, igihe ryakozwe. Igomba kandi gutanga inama ku buryo umwana yasubizwa mu buzima busanzwe cyangwa agafashwa kwisubiraho.

Inkiko zizajya zikoresha ayo makuru mu gihe zitekereza ku buryo bwo gukemura urubanza butabangamira umwana cyangwa izindi ngamba zo kumurinda.




**Perezida w’Urukiko rw’Ikirenga Mukantaganzwa Domitilla yashyizeho amabwiriza agenga imiburanishirize y’imanza z’abana**

**Inama ntegurarubanza**

Mbere y’uko urubanza rureba umwana rushyirwa kuri gahunda y’iburanisha, ubwanditsi bw’urukiko buzajya bukora inama ibanziriza iburanisha, hakoreshejwe uburyo ubwo ari bwo bwose bushoboka, harimo n’ikoranabuhanga.

Iyo nama izafasha kugenzura niba dosiye yuzuye no kureba niba umwana yiteguye kuburana.

**Abacamanza n’abunganira abana ntibazajya bambara imyambaro y’akazi**

Abacamanza, abashinjacyaha n’abavoka bazajya baburanisha imanza z’abana ntibazajya bambara imyambaro isanzwe iranga umwuga wabo mu gihe bari mu iburanisha ry’umwana.

Basabwa kandi gukoresha ururimi umwana yumva no kumusobanurira ibikubiye mu rubanza n’ibikorwa byose bigiye gukorwa.

Abashinzwe umutekano bambaye imyambaro y’akazi ntibazajya bemererwa kuba mu cyumba cy’iburanisha, keretse iyo bikenewe mu rwego rwo kurinda umutekano.

**Abana bazajya batandukanywa n’abakuru mu gihe batwarwa cyangwa bategereje iburanisha**

Umwana ukurikiranweho icyaha afunzwe azajya atandukanywa n’abantu bakuru kandi atwarwe ajyanwa mu rukiko mu buryo butandukanye n’ubwabo.

Abana bahamagajwe mu rukiko na bo bazajya bategereza ahantu hizewe hatandukanye n’abantu bakuru, haba mbere cyangwa nyuma y’iburanisha.

Bashobora guherekezwa n’umuntu mukuru bizeye ndetse, igihe bibaye ngombwa akaba n’umwavoka.

**Amazina n’umwirondoro by’umwana bizajya birindwa**

Umwirondoro w’umwana ukurikiranyweho icyaha, uwakorewe icyaha cyangwa uwitabajwe nk’umutangabuhamya ntuzajya utangazwa ku mugaragaro cyangwa mu bitangazamakuru.

Abantu bemerewe gukurikirana iburanisha na bo ntibazemererwa gutangaza amakuru agaragaza umwirondoro w’umwana cyangwa andi makuru y’ibanga arebana n’urubanza.

**Gusubiza umwana mu buzima busanzwe bizajya bishyirwa imbere**

Aya mabwiriza asaba inkiko gushyira imbere gusubiza umwana mu buzima busanzwe no gufasha umwana kwisubiraho, aho kwibanda ku kumuhana.

Aho bishoboka, inkiko zizajya zishishikariza umwana n’uwakorewe icyaha kugirana ubwumvikane cyangwa gukemura ikibazo mu bwumvikane, keretse aho amategeko abiteganya ukundi.

Abacamanza kandi basabwa kuzirikana umwihariko wa buri mwana, bakabigaragaza mu myanzuro y’urukiko.

Aya mabwiriza mashya agamije gutuma imanza zireba abana ziburanishwa mu buryo bwihuse, ariko nanone hagashyirwaho uburyo bwihariye bwo kubahiriza uburenganzira bwabo mu gihe cyose cy’imigendekere y’urubanza.

# Abagororwa 256 bari kurangiza ibihano bya Jenoside basabwe kwirinda gusubira mu byaha

SHEMA Ivan

***Minisiteri y’Ubumwe bw’Abanyarwanda n’Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) iri guhugura, abagororwa 256 bahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, barimo abagore n’abagabo, bari kwitegura gusubira mu miryango yabo nyuma yo kurangiza ibihano.***

Ni amahugurwa yatangiye ku wa Mbere, tariki ya 5 Ukwakira 2026, agamije kubafasha gusubira mu buzima busanzwe no kumva uruhare rwabo mu kubaka Ubumwe n’Ubudaheranwa bw’Abanyarwanda.

Aba bagororwa bagize icyiciro cya 10 cy’iyi gahunda, baturutse hirya no hino mu gihugu. Intara y’Amajyepfo ni yo ifite umubare munini w’abitabiriye, bagera kuri 227. Muri bo harimo abamaze imyaka 30 bafunze.



**Abagororwa 256 bahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bari kwitegura gusubira mu miryango yabo nyuma yo kurangiza ibihano**

Umuyobozi Mukuru muri MINUBUMWE ushinzwe Ubumwe n’Ubudaheranwa, Kayumba Uwera Marie Alice, yasabye abitabiriye aya mahugurwa kuyakurikirana bashishikaye. Yagize ati: “Izi nyigisho zizabafasha kubana neza n’Abanyarwanda bazasanga ndetse no kumva uruhare bakeneweho mu kubaka igihugu.”

Yongeyeho ko muri aya mahugurwa bigishwa amateka y’igihugu, ingaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ndetse n’uburyo bwo kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside, harimo kwanga kuvugisha ukuri ku byaha bakoze, kwinangira gusaba imbabazi cyangwa kutagaragaza aho imibiri y’abishwe yashyizwe kugira ngo ishyingurwe mu cyubahiro.

Urwego rw’u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS) rwasabye abo bagororwa barimo kurangiza ibihano bahamijwe ku byaha bya Jenoside kwirinda ko bazongera kugwa mu byaha. CP Theos Badege, Komiseri Mukuru Wungirije w’Urwego rw’u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS), yasabye aba bagororwa kwirinda isubiracyaha no gukora ibishoboka byose kugira ngo batazongera gufungwa.

Ati: “Nta zina ry’umugororwa dufite hano twifuza ko rizongera kugaruka mu bitabo bya RCS. Mubiharanire kuko birashoboka.” Yabasabye kuzagera mu miryango yabo biteguye kugaragaza impinduka mu myitwarire no kugira uruhare mu buzima bw’imiryango yabo n’igihugu.

Ati: “Mutangire mwitegure gutanga byinshi kugira ngo babone ko mwahindutse, mwitandukanye n’ikintu cyose cyatuma mwongera kwinjira mu muryango w’Igororero.”

Imibare ya MINUBUMWE igaragaza ko kugeza ku cyiciro cya 9 cyasojwe muri Nzeri 2026, abagororwa 2 103 bari bamaze guhugurwa muri iyi gahunda. Iki cyiciro cya 10 nikirangira ku wa 28 Ukwakira 2026, umubare w’abazaba bamaze kunyura muri iyi gahunda uzagera kuri 2 629.

# Ubumwe n'ubudaheranwa byabereye icyomoro abakomerekejwe n'amateka yijimye y'u Rwanda

**MUTETERAZINA Shifah**

***Abanyarwanda bagizweho ingaruka n'ivangura n'amacakubiri byaranze u Rwanda kuva ku ngoma y'ubukoloni kugeza kuri Guverinoma yateguye ikanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bavuga ko u Rwanda rumaze gutera intambwe ikomeye mu kongera kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda, kandi ko nta mpamvu yo gusubira inyuma.***

Byagarutsweho tariki ya 6 Ukwakira 2026, ubwo hatangizwaga ibiganiro bizamara ukwezi bigamije guteza imbere Ubumwe n'Ubudaheranwa, bikazabera mu bice bitandukanye by'Igihugu.

Ibyo biganiro byagaragaje ubuhamya bw'abantu banyuze mu bihe bitandukanye by'amateka y'u Rwanda, bamwe bakaba baragize uruhare mu bikorwa by'amacakubiri, abandi bakaba barabaye ibitambo by'ivangura ryagejeje Igihugu kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Muri ubwo buhamya, Ambasaderi Mutsindashyaka Théoneste yavuze ko yahereye ku ishuri akibonera ivangura rishingiye ku moko, ubwo yari akiri umwana. Yibuka ko mu 1973, ubwo yigaga mu mashuri abanza, umwarimu yinjiye mu ishuri agasaba abanyeshuri gutandukana hashingiwe ku bwoko. Ati: "… Abahutu muhaguruke! Arongera asaba Abatutsi guhaguruka. Njyewe sinahaguruka. Araza ankubita inkonji mu mutwe ati: 'Inzoka, mwabaye mute?"

Mutsindashyaka avuga ko icyo gihe yari akiri muto ku buryo atashoboraga gusobanukirwa neza n'icyo ivangura ryari rishingiyeho. Yageze mu rugo abaza sekuru ati: "Umuntu aba inzoka gute?"

Ubu buhamya, nk'uko yabigaragaje, bugaragaza uburyo imyumvire y'ivangura yashoboraga gutangirira mu buzima bwa buri munsi, ikagera no mu mashuri, mu nzego z'imirimo no mu yandi mashami y'ubuzima bw'Igihugu.

Yanasobanuye ko yigeze gukora ikizamini cyari kumwinjiza muri kaminuza, akagira amanota meza, ariko ntashyirwe ku rutonde rw'abemerewe kwiga, mu gihe abandi yari yarushije batsinze bakinjira muri kaminuza.

Nyuma y'aho yaranafunzwe. Icyakora, avuga ko nyuma y'uko Igihugu kibohowe, Abanyarwanda bahisemo kudakomeza guheranwa n'amateka mabi, ahubwo bagashyira imbaraga mu kubaka Igihugu gishingiye ku bumwe.

Mu buhamya bwatanzwe na Maj. Gen. (Demob) Nsanzubukire Félicien, wahoze abarizwa mu mutwe wa FDLR, yavuze ko politiki y'ivangura n'amacakubiri ikiri mu murongo w'uwo mutwe. Yagaragaje ko icyo gihe yagiye mu bikorwa byari bishingiye ku myumvire y'uko ubutegetsi bwagombaga gusubizwa ku rundi ruhande rw'amacakubiri, aho kugira ngo Abanyarwanda bubake Igihugu kimwe.

Nyuma, Nsanzubukire yaje gutahuka mu Rwanda, arafatwa, araburanishwa ndetse ahanishwa igifungo cy'imyaka itanu.

Uyu mugabo avuga ko gutahuka no gufungwa byahinduye imyumvire ye ku buzima no ku mateka y'Igihugu. Yagize ati: "Naje kugera aho ndataha, mfashwe icyo gihe numvaga bindangiriyeho, ariko uko gufatwa kwaje kumviramo ubuzima."

Yashimiye Perezida Paul Kagame ku byo yise "kureba kure" mu gushyira imbere ubumwe n'ubudaheranwa, avuga ko amahirwe yahawe yamufashije kongera kubaka ubuzima bwe no kugira uruhare mu gutanga ubutumwa bwo kwirinda ko amateka nk'ayo yakwisubiramo.

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr. Bizimana Jean Damascène yasabye abitabiriye ibiganiro kudasiga ubutumwa bw'ubumwe aho bwatangiwe, ahubwo bakabugeza mu miryango, aho bakorera, mu madini no mu yindi miryango nyarwanda.

Ati: "Isomo dukwiye gukura muri ibi biganiro ni uko dukwiye kuba abambasaderi b'Ubumwe n'Ubudaheranwa, tujyane ibi biganiro aho dutuye, dukorera, tujyane ibi biganiro tubigeze mu bindi byiciro."

Yanasabye abanyamadini n'imiryango itari iya Leta kugira uruhare mu gutegura ibiganiro nk'ibi, kugira ngo ubutumwa bwo kubaka ubumwe bugere ku Banyarwanda benshi.

Amakuru yatangajwe muri ibi biganiro agaragaza ko igipimo cy'Ubumwe bw'Abanyarwanda cyazamutse mu myaka ishize, kuko isuzuma ryo mu 2025 ryagaragaje ko icyo gipimo cyageze kuri 95,3%, kivuye kuri 82,3% mu myaka 15 yari ishize.

Nubwo imibare igaragaza intambwe imaze guterwa, ubuhamya bw'abitabiriye ibiganiro bugaragaza ko urugendo rwo gukomeza kubaka ubumwe rudasaba kwirara.

Ku bantu banyuze mu bihe by'ivangura, ihohoterwa n'amacakubiri, ubumwe si ijambo riri mu nyandiko za politiki gusa ahubwo ni inzira isaba kwibuka amateka, kwemera amakosa, kubabarira, guhindura imyumvire no gushyira imbere inyungu z'Igihugu.

agahitamo gutanga umusanzu mu kubaka aho gusenya.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, u Rwanda rwashyize ubumwe bw'Abanyarwanda, ubutabera guhangana n'ingaruka z'amateka y'amacakubiri no gushimangira imyumvire y'uko ubwenegihugu, Ubunyarwanda ari bwo shingiro ry'ejo hazaza.

Ubutumwa bw'abitabiriye ibi biganiro burasa: Amateka ntashobora guhindurwa, ariko uko Abanyarwanda bahisemo kuyigiramo isomo no kubaka ejo hazaza ni bo babifitemo ububasha.

Kuri bo, inzira y'ubumwe n'ubu-



Minisitiri Bizimana yasabye Abanyarwanda kuba ba Ambasaderi b'Ubumwe n'Ubudaheranwa



Abayobozi batandukanye bifatanyije n'abaturage mu bikorwa byo gutangiza ukwezi kwahariwe ubumwe n'ubudaheranwa

Ku rundi ruhande, ubuhamya bw'abigeze kugira uruhare mu bikorwa by'amacakubiri bugaragaza ko guhinduka bishoboka, iyo umuntu ahaye agaciro ukuri, akemera inshingano ze kandi n'ubudaheranwa mu nkingi z'ingenzi zo kongera kubaka Igihugu.

Ibiganiro byatangijwe kuri uyu wa Kabiri bigamije gukomeza iyo nzira, mu gihe u Rwanda rukomeza daheranwa yatangijwe nyuma y'amateka mabi y'Igihugu si iy'igihe gito. Ni urugendo rw'Igihugu rwagombye gukomeza, rukanasigasirwa n'abariho uyu munsi ndetse n'abazakurikira.

# Rulindo: Minisitiri w'Intebe yabasabye kongera umusaruro w'ubuhinzi no kurwanya igwingira



**Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yifatanyije n'abaturage gutangiza igihembwe cy'ihinga 2027**

**TWAGIRA Wilson**

***Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva Justin, yasabye abaturage bo mu Karere ka Rulindo kongera umusaruro w'ubuhinzi, kubungabunga ibikorwa remezo byo kuhira no kongera imbaraga mu kurwanya igwingira n'imirire mibi mu bana.***

Yabitangaje ku itariki ya 10 Ukwakira 2026, ubwo yatangizaga igihembwe cy'ihinga cya 2027A mu gishanga cya Nyarububa, giherereye mu Karere ka Rulindo, ahari hahuriye abaturage bo mu Mirenge ya Cyungo na Rukozo.

Mu butumwa yagejeje ku baturage, Minisitiri w'Intebe yabasabye gukoresha neza amahirwe bafite mu buhinzi, bagamije kongera umusaruro no kuwubyaza umusaruro urambye.

Yashimangiye kandi ko kurwanya igwingira n'imirire mibi bisaba uruhare rwa buri wese, anasaba abaturage kwirinda ikoreshwa ry'inzoga zitemewe zangiza ubuzima.

Yagize ati: "Murasabwa kongera umusaruro w'ubuhinzi no gufata neza ibikorwa remezo bishingiye ku buhinzi mukora, mushyire imbaraga mu bikorwa byo kurwanya ikibazo cy'igwingira ndetse n'imirire mibi harimo no guca burundu ikoreshwa ry'inzoga zitemewe."

Minisitiri w'Intebe yasabye abaturage kudaterera iyo igihe byangiritse, ahubwo bakagira uruhare mu kubisana kugira ngo bikomeze kubafasha kongera umusaruro.

Yabijeje ko Leta izabunganira mu gusana ibyo bikorwa remezo aho bishoboka, ashimangira ko ubufatanye hagati y'abaturage n'ubuyobozi bw'Akarere ari ingenzi mu kubungabunga ibyo bikorwa.

Yagaragaje kandi ko amafaranga akomoka ku musaruro w'ubuhinzi akwiye kuzigamwa kugira ngo abe imwe mu nkomoko y'amikoro akoreshwa mu gusana ibikorwa remezo byo kuhira, Leta ikunganira abaturage aho bikenewe.

Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo, Mukanyirigira Judith, yavuze ko aka Karere kakomeje gushyira mu bikorwa ingamba zigamije gukemura ikibazo cy'igwingira mu bana, zirimo kwigisha ababyeyi uko bategura indyo yuzuye.

Yasobanuye ko Akarere kakoze ibarura rigamije kumenya abana bafite ibibazo by'imirire, kugira ngo imiryango yabo ihabwe ubufasha bukwiye.

Yagize ati: "Kugeza ubu ababyeyi b'abana barigishijwe, inyigisho bahawe zabahinduriye imyumvire mu birebana no gutegura indyo yuzuye, ku buryo abo twasanze bafite ikibazo kurusha abandi bajyanwe mu bigo nderabuzima bahabwa ubufasha bwihariye."

Mukagasana Vestine yavuze ko biyemeje gukora ibishoboka byose kugira ngo babone umusaruro uhagije, kandi biyemeje kurwanya ibiyobyabwenge bibangiriza ubuzima.

Musoni Ally yavuze ko ibiyobyabwenge byari bigiye kuzabica none bahisemo kubireka kugira ngo bakore biteze imbere.

Igishanga cya Nyarububa cyatunganyijwe kugira ngo gifashe abahinzi kongera umusaruro no kunoza imikoreshereze y'ubutaka.

Abahinzi 1 302 bibumbiye muri Koperative KOYAKIRU, kikaba gifite ubuso bwa hegitari 97,27. Mu gihembwe cy'ihinga cya 2027 A, ibigori byatewe kuri hegitari 8 577.

# RDB yagaragaje amahirwe u Rwanda ruha abashoramari b'Abahinde

**BYUKUSENGE Annonciata**

***Abashoramari baturutse mu bice bitandukanye by'Igihugu no mu mahanga berekeje amaso mu Karere ka Huye berekwa ahari amahirwe yo gushora imari, by'umwihariko amacumbi kuko ari kimwe mu byo uyu Mujyi wa Huye ukeneye cyane.***

Aba bashoramari bahuriye mu nama yiswe 'Huye Investment Forum' ku wa Kabiri tariki ya 30 Nzeri 2026, bagaragarizwa amahirwe yo gushora imari mu kubaka inzu zicumbikira abagana Huye n'Uturere tuyizengurutse.

Mu kugaragaza aya mahirwe, Umuyobozi w'Akarere ka Huye ushinzwe Iterambere ry'ubukungu Kamana Andrée, yabwiye abashoramari ko ari amahirwe akomeye bafite baramutse bashoye imari muri Huye.

Ati: "Huye ifite umubare munini w'abahagenda n'abanyeshuri bo muri Kaminuza, ariko amacumbi ni make. Kaminuza ifite abanyeshuri basaga ibihumbi 18 kandi Kaminuza ntifite ubushobozi bwo kubacumbikira bose. Uwakubaka amacumbi ntabwo yahomba."

Akomeza avuga ko ubu umujyi wa Huye ufite heteli ebyiri ziri ku rwego rw'inyenyeri enye. Izi hoteli zifite ubushobozi bwo kwakira abantu 300, kandi igihe hari inama mpuzamahanga yabereye i Huye, ntabwo abayitabiriye babona aho gucumbika.

Prof. Kayihura Didace Muganga, wari uhagarariye Kaminuza y' u Rwanda muri iyi nama, yashishikarije abashoramari kugana kaminuza kuko ifite umushinga wo kubaka amacumbi.

Ati: "Dufite umushinga wo kubaka hoteli izaba igizwe n'ibice bine, harimo igice cya hoteli yok u rwego rw'inyenyeri enye, inyenyeri ebyiri, hoteli isanzwe n'amacumbi aciriritse. Ibi bice byose bizaba bikubiye mu nyubako imwe. Abifuza gushora imari mwatugana tugatangira ibiganiro kuko igishoro turagifite, ariko dukeneye abo tujyanamo."

**Abashoramari bagaragaje imbogamizi**

Umushoramari Rutayisire François yavuze ko gushora iamri ari ingenzi ariko basanga hari n'aho bahura n'igihombo. Ati: "Kubaka hoteli iri ku rwego rw'inyenyeri enye birahenze cyane kandi umuntu aba yayitanzeho amafaranga menshi. Kugira ibyumba bizabona abakiliya babiri mu mwaka kubera ko bihenze, ni igihombo. Tubona ibyoroshye ari uko twakubaka hoteli zisanzwe zifite ibyumba bihendutse kuko byo bibona abakiliya buri gihe."

Akomeza avuga ko kaminuza y'u Rwanda ishami rya Huye ifite abanyeshuri ibihumbi 18, ariko kaminuza icumbikira 20% bya bo. Igihe haboneka amacumbi ahagije, abanyeshuri babona aho kuba.



**Abahinde bashora imari mu Rwanda bishimiye gutangiza urugaga rurushaho kubahuza n'amahirwe atandukanye**



**Jean-Guy Afrika yahamije ko amahirwe u Rwanda ruha ibigo byo mu Buhinde atagarukira gusa ku isoko ry'imbere mu gihugu**

Mu kumara impungenge aba bashoramari, Umuyobozi wa RDB Jean-Guy Afrika, yavuze ko hadakenewe hoteli z'inyenyeri enye gusa, ahubwo hakenewe amacumbi menshi.

Ati: "Abagana Mujyi wa Huye ufite amacumbi make. Gushora imari mu kubaka amacumbi ni amahirwe kuko abakora ingendo nyobokamana i Kibeho mu Karere ka Nyaruguru bacumbika i Huye kubera ko baba ari benshi Kibeho itabakira bose. Hari kandi abanyeshuri ba kaminuza n'abandi bakorera ingendo muri Huye. Gushora imari mu kubaka amacumbi ni amahirwe."

Abashoramari batandukanye biyemeje kugirana ibiganiro n'ubuyobozi bw'Akarere ka Huye ngo barebere hamwe uko bajyanamo. Iyi nama y'ishoramari itegurwa n'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB), ikaba iba muri buri Karere.

Umujyi wa Huye utuwe ku kigero cya 20,9%, ukaba ufite intego yo guturwa ku kigero cya 35% muri 2029. Igishushanyo mbonera cy'Umujyi gifite hegitari 8 564 zagenewe kubakwaho inzu zihendutse.

# Rwamagana: Basabwe kwirinda kwinjiza ibiyobyabwenge mu Igororero

MICOMYIZA BARINDA Fidele

***Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora (RCS) rwasabye abaturiye Igororero rya Rwamagana gukomeza gufatanya n'ubuyobozi mu gukumira ibiyobyabwenge n'ibindi bintu bitemewe bishobora kwinjizwa muri iri gororero, ndetse no kwirinda kwangiza ibikorwa remezo cyangwa kwiba imyaka yaryo kuko bibakururira kugongana n'amategeko.***

Byagarutsweho ku wa 6 Ukwakira 2026, mu biganiro by'Inteko y'Abaturage byahuje ubuyobozi bw'Igororero rya Rwamagana n'abaturage barituriye, bigamije gukomeza umubano n'imikoranire hagati ya RCS n'abaturage bo mu Karere ka Rwamagana.

Komiseri Mukuru wungirije wa RCS, CP Theos Badege yasabye abaturage kugira uruhare mu gukumira abantu bagerageza kwinjiza ibiyobyabwenge n'ibindi bintu bitemewe mu Igororero.

Yagize ati: “Nubwo hari abagerageza kubyinjiza, kubera ubufatanye dufitanye n'inzego z'ubuyobozi n'umutekano ntibiborohera. Muzakebure abo mucumbikira baje gusura abantu babo, bareke gukomeza kugerageza kubyinjiza.”

CP Badege yavuze ko hari abantu bamaze gufatwa bagerageza kwinjiza urumogi mu Igororero, asaba abaturage gukomeza gutanga amakuru ku bantu bagaragaza imyitwarire nk'iyo.

Ati: “Mutekereze ko twigeze gufata abantu bari kugerageza kwinjiza urumogi hano. Ibi bijya bibaho, umuntu ashaka inyungu akagerageza kurwinjiza hano, haba mu gihe aje gusura abantu cyangwa mu bindi bikorwa bikorerwa hafi y'Igororero.”

Yakomeje asaba abaturage gukorana n'inzego z'umutekano mu kurwanya umuntu wese wagerageza kwinjiza ibitemewe mu Igororero.

Ati: “Ni yo mpamvu duteraniye aha. Nk'uko musanzwe mubikora ku gihe mufatanyije n'inzego zishinzwe umutekano, mudufashe natwe turwanye umuntu wese ugerageza kwinjiza ibintu bitemewe mu Igororero.”

Ubuyobozi bwa RCS kandi bwasabye abaturage kwirinda konesha cyangwa kwiba imyaka ihingwa ku butaka bw'Igororero, kuko bigira ingaruka ku mikorere yaryo ndetse n'imibereho y'Abagororwa.

Ati: “Mu minsi mike muraza kubona iyi mirima yose ibakikije yuzuye ibigori byiza. Mudufashe rwose muturinde abantu bakubagana cyangwa abonesha. Byagiye bibaho mu bihe bitandukanye kandi si byiza.”



Abaturage bishimiye ubutumwa bahawe bavuga ko bagiye kubishyira mu bikorwa

Yibukije abaturage ko Umugororwa atemerewe gutunga telefoni, abasaba gukebura abantu bagerageza kuzizana mu Igororero.

Ati: “Murabizi ko umuntu uri mu Igororero atemerewe gutunga telefoni. Hari abo tujya tubona iyo dufunguye amarembo baje gusura abababo bakagerageza kuzizana. N'abari muri mwe bacumbikira abantu baje gusura ababo, mujye mubasobanurira ko bitemewe.”

Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Umutoni Jeanne, yasabye abaturage baturiye Igororero rya Rwamagana gukomeza gufatanya n'inzego zishinzwe umutekano w'Igororero, kuko iri gororero na ryo rifitiye abaturage akamaro.

Yagize ati: “Iyo tuvuze kurindira umutekano igororero, haba harimo no kuririnda ibintu bitemewe n'ibitujuje ubuziranenge. Iki kigo ni icyacu twebwe nk'abaturage.”

Yakomeje avuga ko abaturage ba Rwamagana bafite inyungu zitandukanye ku mikorere y'igororero.

Ati: “Ubu turi mu kibuga cy'ikigo kandi ntawe utubuza kuhagera. Iyo habonetsemo akazi, ni twe tugakora; iyo abantu baje gusura ababo, ni twe ducuruza. Urumva ko abaturage ba Rwamagana ari twe turifitemo inyungu kurusha abatuye kure.”

Umutoni yasabye abaturage gutanga amakuru igihe babonye ibikorwa bishobora guhungabanya umutekano w'igororero cyangwa kwangiza ibikorwa remezo byaryo.

Ati: “Dufite inyungu mu kuribungabunga, ntihagire ibitemewe byinjiramo, ntihagire uwangiza ibikorwa remezo byaryo. Aho tudashoboye, dutange amakuru.”

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rwamagana kandi buvuga ko Igororero rya Rwamagana ari umuturanyi mwiza w'abaturage, kuko ryagiye rigira uruhare mu bikorwa bitandukanye bibafasha.

Mu ngero bwatanze harimo gufasha umuturage kubakirwa inzu yari yasenywe n'inkubi y'umuyaga, ndetse no kwishyurira ubwisungane mu kwivuza abaturage 190 batishoboye.

Ibi ni bimwe mu bikorwa bituma ubuyobozi busaba abaturage gukomeza gufata igororero nk'umufatanyabikorwa wabo no kurifasha kurinda ibikorwa byaryo.

Mukankundimfura Dative, umuturage wo mu Karere ka Rwamagana, yavuze ko ibiganiro by'Inteko y'Abaturage ari ingenzi kuko bituma abaturage basobanukirwa inshingano bafite mu gukemura ibibazo bibakikije.

Yagize ati: “Guhura n'abayobozi bacu gutya bidufasha kumva icyo badutekerezaho, natwe tukababwira uko tubyumva. Ubu namenye ko hari abagerageza kwinjiza ibiyobyabwenge mu igororero. Narabyumvaga ariko sinari mbizi neza.”

Yakomeje avuga ko yiyemeje kugira uruhare mu gukumira ibikorwa nk'ibyo. Ati: “Ubu ngiye gufata iya mbere mu kurwanya no gutanga amakuru ku bagerageza kwinjiza ibitemewe mu igororero.”

Abaturage bitabiriye ibi biganiro basabwe gukomeza gukorana n'ubuyobozi n'inzego z'umutekano, cyane cyane batanga amakuru ku gihe ku muntu wese bakeka ko ashobora kuba agerageza kwinjiza ibiyobyabwenge, telefoni cyangwa ibindi bintu bitemewe mu igororero.



Ubuyobozi bw'Igororero rya Rwamagana bwasabye abantu kwirinda kwinjizamo ibiyobyabwenge

# U Rwanda na Kenya basinyanye amasezerano 11 y'imikoranire



**Abahagarariye Guverinoma y'u Rwanda n'iya Kenya basinyanye amasezerano 11 y'imikoranire**

**SHEMA Ivan**

***Abahagarariye Guverinoma y'u Rwanda n'iya Kenya y'u Rwanda n'iya Kenya bashyize umukono ku masezerano y'imikoranire ari mu nzego 11 zitandukanye hagamijwe gukomeza kwimakaza umubano uhuriweho n'ibihugu byombi.***

Ayo masezerano yashyizweho umukono nyuma y'Inama ya 10 ya Komisiyo y'Ubutwererane hagati y'u Rwanda na Kenya, yabereye i Nairobi ku wa 5-6 Ukwakira 2026.

Intumwa z'u Rwanda zari ziyobowe n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Dr. Usta Kaitesi. Yari kumwe na Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta, Dr. Emmanuel Ugirashebuja; Minisitiri w'Ibikorwa Remezo, Damien Murwanashyaka, Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Fidelis Mironko n'abandi bayobozi.

Ku ruhande rwa Kenya, intumwa zari ziyobowe na Dr. Musalia Mudavadi, uyobora ibikorwa bya Guverinoma akaba na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Abanyakenya baba mu mahanga.

Amasezerano 11 yashyizweho umukono arimo ajyanye n'ubufasha mu by'amategeko no guhererekanya abakatiwe n'inkiko, ibiganiro bya politiki, ibijyanye n'abinjira n'abasohoka, imiturire n'iterambere ry'imijyi ndetse n'imikoranire mu gukorana n'abaturage baba mu mahanga.

Anakubiyemo imicungire y'amazi no kuhira, imiyoborere y'Inzego z'ibanze, ubufatanye hagati y'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) na Polisi ya Kenya, gusangizanya ubunararibonye bushingiye ku muco n'umurage ndetse no kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima.

Ayo masezerano yiyongera ku mikoranire isanzwe hagati y'u Rwanda na Kenya mu nzego zirimo dipolomasi, umutekano n'ingabo, uburezi, ubucuruzi, ishoramari, ubwikorezi no kugeza ibicuruzwa aho bijya.

Muri iyi nama impande zombi zagaragaje ko hari intambwe yatewe mu gushyira mu bikorwa amasezerano yo mu nama ya cyenda iheruka kubera i Kigali, zisaba inzego zibishinzwe kwihutisha ibyo zitarangiza no kurangiza amasezerano akiri mu biganiro.

Dr. Kaitesi yagaragaje ko Kenya ikomeje kuba umwe mu bafatanyabikorwa b'ingenzi b'u Rwanda mu bukungu kuko mu 2025, rwatumije muri Kenya ibicuruzwa bifite agaciro karenga miliyoni 398 z'amadolari ya Amerika, mu gihe ibyo rwoherejeyo byari bifite agaciro ka miliyoni 5,3 z'amadolari ya Amerika.

Ati: "Ubucuruzi na bwo ni inkingi y'ingenzi y'umubano wacu mu bukungu. Ubucuruzi hagati y'ibihugu byacu bukomeje kungukira ku kuba byegeranye, imikoranire ikomeye hagati y'abacuruzi babyo n'ubushake dusangiye bwo guteza imbere ukwihuza kw'ubukungu bw'Akarere binyuze mu Muryango wa Afurika y'Iburasirazuba."

# Abadepite ba EALA basabwe kutaba ba nyamwigendaho




**Abadepite ba EALA biyemeje guharanira gushyira mu bikorwa umuco wo kubazwa inshingano no guteza imbere imiyoborere myiza**

**TWAGIRA Wilson**

***Abadepite bagize Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Afurika y'iburasirazuba (EALA), u Rwanda rubereye umunyamuryango, basabwe kutaba ba nyamwigendaho mu gukemura ibibazo birebana n'Akarere.***

Abo Badepite na bo bavuga ko biyemeje guharanira gushyira mu bikorwa umuco wo kubazwa inshingano, no guteza imbere imiyoborere myiza buri muturage ubarizwa mu bihugu bigize uyu Muryango yibonamo, ibihugu na byo bigakora ku bufatanye aho gukora nka banyamwigendaho mu gukemura ibibazo by'ibihugu by'Akarere.

Ubuyobozi bw'Ishami rishinzwe itumanaho mu Nteko ya EALA mu itangazo bwashyize ahagaragara, rivuga ko ibyo babyiyemeje ubwo bari mu Nteko Rusange ya 153, ihuza Inteko zishinga Amategeko, bakaba bazashyiraho akabo nk'intumwa za rubanda mu gushakira ibisubizo ibibazo by'amategeko bishobora kuba bihari mu rwego mpuzamahanga.

Iyo nama iteraniye ku cyicaro cya EALA mu gihugu cya Tanzaniya, izasozwa ku ya 9 Ukwakira 2026, ihuje Intumwa za Rubanda n'abandi basaga 2 000, baturutse hirya no hino mu bihugu bitandukanye ku Isi.

Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko ya EALA, Hon Ntakirutimana Joseph yibukije abari mu nama ko ibibazo bibangamiye ikiremwa muntu birimo amakimbirane hamwe n'imvururu bituruka ku mitwe yitwaje intwaro ndetse n'ikibazo kijyanye n'iterabwoba mu Karere, ibibazo by'ubukungu n'ibijyanye n'imihindagurikire y'ibihe.

Ati: "Byose ni ibibazo bivuka hatitawe ku mipaka y'Igihugu, ndasaba abagize Inteko z'Ibihugu byacu kurushaho gushimangira ubufatanye binyuze mu rwego rwa Dipolomasi mu rwego rwo guharanira kuzana amahoro. Muri ibi bihe Isi yabaye nk'Umudugudu umwe, nta gihugu na kimwe cyakora cyonyine nka nyamwigendaho mu gukemura ibibazo bikomeye byugarije ibihugu byacu. Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba uzakomeza guteza imbere gahunda y'ukwishyira hamwe kw'ibihugu by'Akarere, guharanira amahoro, n'izahuka ry'ubukungu, kandi ukwiyemeza kwacu kugomba kujyana no kwiyemeza kw'ibihugu."

Yakomeje ahamya ko ukwiyemeza kw'Inteko zishinga Amategeko ari yo nkingi ya demokarasi ihamye. Ku ngingo y'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga rishingiye ku bwenge buhangano (AI), Perezida wa EALA yasabye abikorera mu bigo bitandukanye guha umwanya ikoranabuhanga rishya.

Naho ku ngingo y'umutekano, yagize ati: "Ikibazo cy'umutekano mu bihugu byacu kigomba kwitabwaho mu by'ibanze twebwe nk'Intumwa za Rubanda ku Isi tugafata iya mbere, by'umwihariko mu byerekeranye no kwita ku mutekano wambuka imipaka bishingira ku kurwanya no kurandura ikibazo cy'iterabwoba, gukemura amakimbirane tugashyira imbere ibiganiro kurusha ibibazo bidutandukanya."

# Musanze: Isoko rya GOICO ryahiriyemo iby'asaga miliyari 30 Frw



**Isoko rya GOICO mu mujyi wa Musanze ryafashwe n'inkongi rirakongoka**

**NGABOYABAHIZI** Protais

***Ubugenzuzi bw'ibanze bwakozwe ku nkongi yibasiye Isoko rya Kijyambere rya GOICO riherereye mu Mujyi wa Musanze rwagati, bwagaragaje ko hangiritse ibicuruzwa n'ibikoresho bifite agaciro ka miliyari zisaga 30 z'amafaranga y'u Rwanda.***




**Abaturage batabaye ariko hari harimo n'abafite imigambi y'ubujura**

Inkongi y'umuriro ikomeye yibasiye iri soko rya kijyambere ku wa Gatandatu tariki ya 10 Ukwakira, bivugwa ko yaturutse ku muriro w'amashanyarazi w'abasuduriraga ibyuma ku igorofa ya nyuma bari mu bikorwa byo gusana iri soko.

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Maurice Mugabowagahunde yahamije iby'icyo gihombo, agaragaza ko iyo nkongi yacubijwe imaze gukongora igice kinini cy'inyubako.

Amagorofa ane yose y'iri soko ryakoreragamo abacuruzi basaga 2 000 yakongotse uhereye ku yo hejuru, igice cyo hasi gusa ni cyo cyabashije kurokoka ibirimi by'umuriro watangiye uhereye ahagana saa kumi z'igicamunsi.

Guverineri Mugabowagahunde yagize ati: "Igice cyo hasi cy'inyubako ntabwo cyagezweho n'inkongi, tukaba tunishimira ko nta muntu waburiye ubuzima muri ibi byago. Ibarura ry'ibanze rigaragaza ko ahakongotse hari ibicuruzwa bifite agaciro ka miliyari zisaga 30 z'amafaranga y'u Rwanda, ariko agaciro ka nyako kazatangazwa nyuma yo gusoza kubarura ibyangiritse byose."

Yakomeje atagaza ko iyo nyubako ubwayo ibarirwa agaciro ka miliyari 17 z'amafaranga y'u Rwanda.

Guverinoma y'u Rwanda yihanganishije abacuruzi bagizweho ingaruka n'ibyo byago, inabizeza ko izabafasha kongera gusana iryo soko n'ubundi bufasha bunyuranye ku bacuruzi bahuye n'ibihombo by'ikubagahu.

Abitwikiriye amakuba bagasahura banenzwe

Bamwe mu baturage n'abacuruzi bo mu Karere ka Musanze banenze abantu bitwaje ko bagiye gutabara abacururizaga muri iyi nyubako, bakaboneraho umwanya wo gusahura ibicuruzwa aho gufasha ba nyirabyo kubirokora.

Bavuga ko mu gihe bamwe mu bacuruzi bahataniraga gusohora ibicuruzwa mu maduka kugira ngo bidashya, hari abandi babitwaraga bakabijyana kuri moto, cyangwa bakirukanka n'amaguru; bikaba byarongereye igihombo abari basanzwe bahanganye n'ingaruka z'inkongi.

Aba baturage basanga gusahura umutungo w'uwahuye n'ibyago ari ingeso mbi inyuranyije n'indangagaciro z'ubunyangamugayo no gutabarana zikwiye kuranga Abanyarwanda, cyane cyane mu bihe by'amakuba.

Nyandera Eugène, umwe mu baturage wabonye uko ibintu byari bimeze, avuga ko inkongi imaze gufata isoko, abantu benshi bahise bahagera, ariko ko bamwe bazanywe no kwiba abari mu marira ari na ko bagerageza kurokora ibicuruzwa byabo.

Yagize ati: "Hano iri soko ryafashwe n'inkongi ahagana saa kumi ariko nyuma y'iminota 30 abantu bari bamaze kuzura, harimo abantu bakuru, urubyiruko n'abandi. Icyambabaje ni ukubona bamwe bakuraga ibintu mu isoko bitwaje ko baje gutabara, bakabipakira kuri moto bagataha. Bamwe batwaye matela, telefone, ndetse hari n'uwahise ajya kuri moto ya mugenzi we wacururizaga muri iri soko, aza gufatwa."

Uwayezu André, umwe mu bacururizaga muri GOICO Plaza, na we avuga ko gusahura ibicuruzwa by'abari bahanganye n'inkongi byatumye bamwe batabasha kurokora ibyo bari bashoboye gusohora mu maduka yabo.

Yagize ati: "Birababaje kubona uri mu kaga umuntu akitwaza ko aje gutabara, nyamara ahubwo aje kwiba. Tekereza ko nari ndi mu igorofa ya kane, nkohereza ibicuruzwa byanjye hasi, abandi bagahita babipakira kuri moto. Ikibabaje ni uko atari urubyiruko gusa; wabonaga abantu batandukanye bagamije kwitwarira ibyo bari bakwiye gutabara."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Musanze na bwo bwanenze abahisemo gusahura ibicuruzwa aho kwifatanya n'abandi mu bikorwa byo gutabara. Nsengimana Claudien, Umuyobozi w'Akarere ka Musanze, avuga ko umuntu wakoze ibyo bikorwa ari uwo kunengwa.

Yagize ati: "Uwaba yakoze iryo kosa ryo gusahura aho gutabara akwiye kunengwa, ndetse byaba ngombwa amategeko agakurikizwa. Ni yo mpamvu, kubera ko byagaragaye ko mu kuzimya GOICO hari bamwe basahuraga aho gutabara, twasabye ababashije kugira icyo barokora gukusanya utwabo bafatanyije n'abo bazi kandi bizeye. Utewe aratabarwa, uwagize ibyago agahozwa. Indangagaciro na kirazira by'Umunyarwanda ntibigarukira mu bihe byiza gusa, ahubwo bigaragarira no mu bihe nk'ibi."

Ubuyobozi burasaba abaturage kurangwa n'ubunyangamugayo, ubumwe no kubahana, bwibutsa ko mu gihe habaye inkongi cyangwa indi mpanuka, buri wese akwiye kugira uruhare mu kurengera ubuzima n'umutungo w'abahuye n'ibyago.

# Nyabihu: Ivuriro ry'ibanze rya Marangara rimaze imyaka 4 ridatanga serivisi




**Ababyeyi bishimira inzu y'ababyeyi bubakiwe ku kigo nderabuzima cya Karwasa**

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Abaturage bo mu Kagari ka Marangara, Umurenge wa Rugera mu Karere ka Nyabihu, bavuga ko ivuriro ry'ibanze rya Marangara bubakiwe hafi yabo rimaze imyaka ine irdatanga serivisi kuva ryubakwa, bigatuma bakomeza gukora ingendo ndende bajya gushaka ubuvuzi ku Kigo Nderabuzima cya Nyakiriba.***

Ryari ryarakiriwe n'abaturage nk'amahirwe yo kwegerezwa serivisi z'ubuzima, cyane cyane iz'ibanze ku bantu bafite uburwayi bworoheje. Gusa imyaka ine irashize inyubako ihari, ariko serivisi z'ubuvuzi ntiziratangira kuhatangirwa ku buryo buhoraho.

Abaturage bavuga ko ikibazo kibakomereye kurushaho kubera ko batuye mu gace k'imisozi, aho ingendo zijya ku kigo nderabuzima zitoroshye, cyane cyane ku murwayi ufite ikibazo cyo kugenda.

Célestin Nshimiyimana, umwe mu baturage bo mu Mudugudu wa Kagano, avuga ko abaturage bari barishimiye kubona ivuriro ry'ibanze ryubakwa hafi yabo kuko bari bizeye ko rizabagabanyiriza ingendo bajyaga bakora bashaka ubuvuzi.

Yagize ati: "Imyaka ibaye ine iri vuriro ridatanga serivisi. Mu minsi ya mbere haje umuganga, amara ukwezi kumwe kutarenga ahita yigendera. None imyaka irashize nta wundi wari watekereza kugaruka hano."

Nshimiyimana avuga ko abaturage baherutse kugira icyizere gishya ubwo batumwaga gukora isuku muri iyo nyubako yari imaze kuzengurukwa n'ibihuru, babwirwa ko ishobora gutangira gukoreshwa, ariko ngo amaso yaheze mu kirere.

Yagize ati: "Ejobundi badutumyeho ngo tuze kuhakora isuku kuko ryari ryararengewe n'ibihuru, batubwira ko bagiye gufungura bakahakorera, ariko amaso yaheze mu kirere."

Avuga ko abaturage bagikeneye kumenya igihe nyirizina iryo vuriro ry'ibanze rizatangirira gutanga serivisi ku buryo buhoraho.

Nyirarukundo Daphrose na we avuga ko kuba ivuriro rihari bitabahaye igisubizo bari biteze, kuko bagikomeje kujya kwivuriza kure.

Yagize ati: "Twari twishimye ko batuzaniye ivuriro ry'ibanze ryadufasha kubona ubuvuzi bw'ibanze, ariko byarangiye dukomeje kujya kwivuriza ku Kigo Nderabuzima cya Nyakiriba nabwo dukoze ingendo ndende aho dukora urugendo rw'amasaha 2 n'amaguru."

Akomeza avuga ko ingendo zijya kwivuza zigora abaturage, cyane cyane kubera imiterere y'aho batuye.

Yagize ati: "Ibi bintu biratugora kuko aho dutuye ni mu misozi miremire n'ibihanamanga, ku buryo bisaba gukoresha ingobyi ya Kinyarwanda iyo umuntu arwaye cyane, kuko nta modoka yagera muri kano gace k'imisozi ihanamye."

Nyirarukundo asaba ko ubuyobozi bwashakira iki kibazo igisubizo kirambye.

Yagize ati: "Turasaba ko iri vuriro ryafungura imiryango kugira ngo abarwaye bajye babonera serivisi zo kwivuza hafi, mu buryo bworoheje."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyabihu buvuga ko ikibazo cyo kuba ivuriro ry'ibanze rya Marangara ridakora kizwi, ariko ko hari imbogamizi zabonetse mu gushaka umushoramari cyangwa uwikorera waricunga.

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Nyabihu ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Simpenzwe Pascal, avuga ko iryo vuriro ryashyizwe ku isoko inshuro nyinshi kugira ngo ricungwe n'abikorera, ariko abagiye kurisura ntibagaragaza ubushake bwo kuhakorera.

Yagize ati: "Iri vuriro rishyizwe ku isoko inshuro nyinshi ngo ricungwe n'abikorera, ariko uko bagenda barisura nta n'umwe uhishimira ngo agaruka kuhakorera."

Avuga ko ubuyobozi buri gushaka ubundi buryo bwo kugeza serivisi ku baturage, mu gihe hagishakwa igisubizo cyatuma iri vuriro rikora ku buryo buhoraho.

Yagize ati: "Turimo gushaka uburyo Ikigo Nderabuzima cya Nyakiriba cyajya cyoherezayo abaforomo nibura inshuro ebyiri mu cyumweru. Twari dufite abaforomo bake, ariko ubu hari abo dutegereje biyongera ku mubare w'abo dufite mu Karere kacu kugira ngo badufashe guha serivise nziza z'ubuvuzi abaturage."

Kuri aba baturage, imyaka ine ivuriro ryubatswe ridatanga serivisi ni igihe kirekire, cyane ko bari baryitezeho kubafasha kubona ubuvuzi bw'ibanze hafi yabo.

Mu gihe ubuyobozi buvuga ko buri gushaka uburyo abaforomo bajya muri ako gace nibura inshuro ebyiri mu cyumweru, abaturage bifuza ko icyo gisubizo cyashyirwa mu bikorwa vuba, kuko bagikomeje gukora ingendo ndende bajya kwivuza.

# Musanze: Guhemberwa kuri telefone byorohereje abarimu bataga amasomo

**NGABOYAHABIZI Protais**

***Abarimu bo mu Karere ka Musanze bavuga ko uburyo bwo kubona umushahara hifashishijwe ikoranabuhanga bwababganyirije ingendo bakora bajya guhembwa, bityo amasomo ntiyongera guhagarara nk'uko byajyaga bigenda mu gihe cyashize.***

Bavuga ko mbere umunsi wo guhembwa washoboraga gutuma umwarimu ava ku ishuri akajya gushaka amafaranga ye, rimwe na rimwe akamara amasaha cyangwa umunsi wose adahari, abanyeshuri bakabura ubigisha.

Ubu umwarimu ashobora kubona amafaranga ye hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga, akaguma ku ishuri agakomeza inshingano ze, mu gihe serivisi za Umwalimu SACCO na zo zibafasha kubona inguzanyo no kwiteza imbere.

Mutabazi Joseph, umwarimu wo mu Karere ka Musanze, avuga ko uburyo bwo kubona umushahara bworoheje bwagize uruhare mu guhindura imikorere y'abarimu, kuko mbere kujya guhembwa byasabaga ingendo kandi rimwe na rimwe bikagira ingaruka ku masomo n'amafaranga batahise bayabona.

Yagize ati: "Kera umunsi wo guhembwa hari igihe wasangaga umwarimu yavuye ku ishuri. Abana bakabura amasomo uwo munsi. Ubu amafaranga ashobora kugera kuri telefone, umwarimu agakomeza akazi ke, kandi ibikorwa bye haba mu rugo ndetse no ku kazi bikagenda neza."

Mutabazi avuga ko ikibazo kitagarukiraga ku gihe umwarimu yatakazaga gusa, ahubwo ko no gutwara amafaranga mu ntoki byashoboraga guteza izindi ngaruka.

Yagize ati: "Hari abajyaga guhembwa amafaranga bakayanywera mu nzira, abandi bakayamburwa n'abagizi ba nabi. Ubu umuntu ashobora kuyabona kuri telefone, akayabitsa cyangwa akayakoresha mu byo yateganyije atavuye ku ishuri."

Ku barimu, Umunsi Mpuzamahanga w'Umwarimu wizihijwe ubasanga kandi bishimira ko bafite Koperative Umwalimu SACCO ibafasha kubona serivisi z'imari, by'umwihariko inguzanyo bavuga ko zabafashije gushora mu bikorwa bibateza imbere.

Cesar Kubwayo, umwarimu wo mu Murenge wa Musanze, avuga ko inguzanyo yabonye mu Umwalimu SACCO yamufashije gutangira ibikorwa by'ubworozi n'ubuhinzi.

Avuga ko yaguzemo inka ifite agaciro ka 500 000 Frw, nyuma ikamufasha kwagura ubworozi, kugeza ubwo ubu afite inka eshatu, ebyiri muri zo zikaba zitanga umukamo.

Yagize ati: "Nabonye inguzanyo muri Umwalimu SACCO nyifashisha mu gikorwa cyo kwiteza imbere. Yaramfashije cyane, kuko nari mfite ibibazo by'ubukene, ariko ubu hari byinshi nashoboye kugeraho. Inguzanyo bampaye naguzemo inka ifite agaciro k'ibi-

KOMEZA KU RUP.19

# Musanze: Guhemberwa kuri telefone byorohereje abarimu bataga amasomo

IBIKURIKIRA URUP.18

humbi 500, ubu imaze kungeza ku nka eshatu, ebyiri muri zo zikaba zitanga umukamo."

Kubwayo avuga ko umukamo w'inka ze umwinjiriza amafaranga agera ku 90 000 Frw ku kwezi, mu gihe ubworozi bunamufasha kubona ifumbire akoresha mu buhinzi.

Avuga ko ubu mu buhinzi bw'ibirayi ashobora kubona amafaranga agera kuri 800 000 Frw mu gihembwe, bitewe n'umusaruro abona.

Yagize ati: "Inka ntabwo ari umukamo gusa. Ifumbire yayo imfasha mu mirima yanjye, ku buryo ubuhinzi na bwo bugenda neza. Ibi byose bituma umushacyangwa ku kigo cy'imari. Abana bakomeza kwiga, natwe ababyeyi tukamenya ko umwana yagiye ku ishuri agiye kubona umwarimu."

Nahimana Olivier, undi mubyeyi wo muri Musanze, avuga ko Umwalimu SACCO na serivisi z'imari zihabwa abarimu byagize uruhare mu kubongerera amahirwe yo kwiteza imbere.

Yagize ati: "Umwalimu SACCO yatumye umwarimu agira aho abona inguzanyo n'ubundi bufasha mu by'imari. Iyo umwarimu afite imibereho myiza, umwana ni we ubigiramo inyungu."

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze, Nsengimana Claudien avuga ko imibereho myiza y'umwarimu igomba kurebwa no ku musaruro atanga mu ishuri, kuko iyo y'Uburezi."

Umunsi Mpuzamahanga w'Umwarimu wizihizwa buri mwaka ku wa 5 Ukwakira, ukaba warashyizweho mu rwego rwo kwibuka inyandiko mpuzamahanga yashyizweho umukono mu 1966 n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco (UNESCO) n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Murimo (ILO), igena amahame n'uburenganzira by'abakora umwuga wo kwigisha.

Uyu munsi watangiye kwizihizwa ku rwego mpuzamahanga mu 1994, ugamije kugaragaza uruhare rw'umwarimu mu iterambere ry'umuryango no guteza imbere imibereho n'imikorere y'abi-



Guhembwa hifashishijwe ikoranabuhanga byakemuye ikibazo cy'abarimu basigaga abanyeshuri bakajya guhembwa

hara w'umwarimu ntawurebera gusa nk'amafaranga yo kurya no kwishyura ibikenewe buri munsi, ahubwo ushobora kuba intangiriro y'iterambere."

**Ababyeyi bishimira ko abana badakomeza kubura abarimu**

Ababyeyi bavuga ko impinduka mu buryo umwarimu abona umushahara we zitagarukira ku mwarimu, ahubwo ko n'abana babo ari bo bazigiramo inyungu.

Mukandengo Anisie, umubyeyi wo mu Karere ka Musanze, avuga ko kuba umwarimu ashobora kubona umushahara akoresheje ikoranabuhanga bituma adasiga abanyeshuri ajya gushaka amafaranga.

Yagize ati: "Kuba umwarimu ashobora kubona umushahara kuri telefone ni byiza cyane. Ntabwo aba agomba kuva ku ishuri ngo ajye kuyashaka kuri banki umwarimu afite uburyo bumworohereza imirimo, ashobora kurushaho kwita ku nshingano zo kwigisha.

Yagize ati: "Iyo umwarimu afite imibereho myiza, afite uburyo bwo kubona serivisi z'imari kandi umushahara akawubona mu buryo bworoshye, bituma arushaho kwibanda ku nshingano ye. Umwana ni we ugomba kuba ku isonga mu byo dukora byose."

Nsengimana avuga ko ikoranabuhanga mu kugeza umushahara ku mwarimu ryagize uruhare mu kugabanya igihe cyatakazwaga mu ngendo zo kujya guhembwa.

Yagize ati: "Kuba umwarimu ashobora kubona amafaranga ye atavuye ku ishuri bituma amasomo akomeza. Ni impinduka ifasha umwarimu, ariko n'umunyeshuri akayungukiramo, kuko adasiba bituma abasha kurangiza gahunda y'amasomo yateguwe na Minisiteri gisha.

Uyu mwaka wa 2026 ufite umwihariko kuko hizihizwa imyaka 60 ishize hashyizweho ayo mabwiriza mpuzamahanga, mu gihe umwuga w'ubwarimu ukomeje guhangana n'impinduka zirimo ikoreshwa ry'ikoranabuhanga, imihindagurikire y'ibihe, uburezi budaheza ndetse n'impinduka mu mibereho y'abaturage.

Mu Rwanda, imibare y'Ikigo Gishinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) igaragaza ko abarimu barenga ibihumbi 110 bigisha mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye.

Leta n'abafatanyabikorwa bayo bashyize imbaraga mu kuzamura imibereho y'umwarimu, harimo kumwegereza serivisi z'imari binyuze muri Umwalimu SACCO no gukoresha ikoranabuhanga mu buryo bwo kugera ku mushahara.

# Abanyarwanda 369 batashye bavuye mu mashyamba ya RDC



Abasaga 300 batahutse bava muri RDC

NDOLI Sitio

***Abanyarwanda 369 batashye bavuye mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demuokarasi ya Congo (RDC) banyuze ku mipaka ihuza u Rwanda n'icyo gihugu mu Turere twa Rusizi na Rubavu.***

Muri 316 bagizwe n'imiryango 99 banyuze ku mupaka wa Grande Barièrre mu Karere ka Rubavu naho 53 bibumbiye mu miryango 14 banyuze ku mupaka wa Rusizi ya mbere mu Karere ka Rusizi.

Bamwe muri aba Banyarwanda bavuga ko bahunze mu 1994 ariko bakavuga ko aho babaga bari babayeho nabi ndetse bakaba babwirwaga ko mu Rwanda nta mahoro, bitandukanye nuko bahasanze.

Nsengiyumva Théoneste yagize ati: "Nari ndiho mu buzima bubi cyane kuko nta bwisanzure twari dufite ndetse nta n'imirima dufite ndetse na duke duhinze inyeshyamba zikatudutwara.

Yunzemo ati: "I Masisi twari turi, batubwiye ko mu Rwanda ari amahoro none turatashye dusanze ari amahoro."

Hakizimana Aléxis yavuze ko ubuzima bwo muri Congo 'butari bwiza bitewe n'intambara zihorayo, umuntu akagerageza gukora ikintu ariko intambara igatuma ntacyo ugeraho, uyu munsi ntashye ku bushake hamwe n'abana bane, abandi bane bashatse abagore muri Congo."

Aba Banyarwanda bavuga ko bumvaga amakuru atari meza ndetse hakaba hari ababuze uko bataha kuko bafashwe bugwate n'inyeshyamba cyane cyane umutwe wa FDLR.

Nsengiyumva Théoneste yongeyeho ati: "Usanga bari kwica abantu, bakadutesha umutwe ku buryo nta bwisanzure twari dufite kubera imitwe ya FDLR na za Nyatura aho ngaho mu mashyamba, ariko aho twumviye ihumure turatashye mu rwatubyaye kandi dusanze ari amahoro."

Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu Nzabonimpa Déogratias, yashimiye aba Banyarwanda bagize amahirwe yo gucika inyeshyamba za FDLR zabafashe bugwate maze abasezeranya ubuzima bwiza.

Ati: "Dufite gahunda za Leta zizabafasha ndetse n'abageze mu zabukuru bakitabwaho ndetse n'abandi bagakora bakiteza imbere, ni na yo mpamvu. Tubashimira ku ruhare rwabo, FDLR iracyahari kandi hari Abanyarwanda yafashe bugwate idashaka ko bataha ariko ubwo aba batashye ni ikimenyetso cy'uko n'abandi bazaza".

Abo Banyarwanda bose batashye bakaba bacumbikiwe mu Nkambi y'agateganyo ya Kijote, iherereye mu Karere ka Nyabihu., bakaba biyongereye ku bandi barenga 7 000 bamaze gutahuka bavuye muri RDC kuva muri Mutarama 2025.

# Lt. (Demob) Bariyanga warwaniye n'Inkotanyi mu Mutara na Ruhengeri yavuze uko bicaga abasivili

HITIMANA Servand

***Umututsi wari mu Rwanda yagizwe umwanzi wahigwaga n'abahoze ari Ingabo z'u Rwanda (Ex-FAR) kurusha abarwanyi b'Inkotanyi bateguye urugamba rwo gushyira iherezo ku miyoborere yuzuye amacakubiri, irondabwoko n'ingengabitekerezo ya Jenoside.***

Bariyanga Laurent wahoze mu Ngabo za Habyarimana (Ex-FAR) akaza kuva mu mutwe w'iterabwoba wa FDLR yakomerejemo afite ipeti rya Lieutenant (Lt.), avuga ko bahanganye n'Inkotanyi igihe kirekire bayobowe n'urwango n'amacakubiri, mu gihe abari abarwanyi ba RPA Inkotanyi bo bari bafite icyerekezo kidashobora gutsindwa cyo kubanisha Abanyarwanda nk'umugozi w'inyabutatu.

Bariyanga yabigarutseho mu buhamya yahaye abitabiriye ibiganiro by'ubumwe n'ubudaheranwa, byabereye mu Karere ka Nyagatare bikitabirwa n'abayobozi mu Nzego Nkuru z'Igihugu n'Umuryango Unit Club Intwararurmuri.

Uyu mugabo winjiye mu Ngabo z'u Rwanda mu mwaka wa 1986, avuga ko yari mu bakoreshaga imbunda nini yari izwi nka Dimbahasi, mu rugamba yagezeho kuva tariki ya 2 Ukwakira mu 1990. Yahamije ko ubutegetsi bwariho mbere ya Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yarangwaga n'irondamoko kwica Abatutsi no kubanyaga.

Ati: "Kuva ngeze ku rugamba muri uyu Mutara, twararwanaga, ariko Abatutsi bari batuye muri iki gice na bo bicwaga aho bashinjwaga kuba Inyenzi. Haje kuza amabwiriza yagaragazaga umwanzi uwo ari we, amabwiriza yateguwe na Col. Bagosora aho bavugaga ko umwanzi ari Umututsi uri hanze, uri imbere mu Gihugu ndetse n'undi wese wagaragaza kugira aho ahurira na we."

Bariyanga avuga ko abari batuye mu gice cy'Umutara benshi bagiye bahunga urugamba berekeza i Kabarore mu Karere ka Gatsibo, ariko bakicirwa mu mayira bitwa Abahima bateye u Rwanda.

Ati: "Ubuyobozi bubi na politiki mbi byashyizwe mu gisirikare, aho kurwana kirengera abaturage ahubwo kikarwana cyica bamwe mu bo cyakarengeye. Si aha gusa mu Mutara kuko twahavuye twerekeza mu Ruhengeri Inkotanyi zagabyeyo ibitero. Iki gihe na cyo nibuka ko hari imiryango y'Abatutsi y'ahitwa Rugarama muri Kidaho, muri biriya bice bya za Nkumba, bishwe bazizwa Inkotanyi."

Lt. (Demob) Bariyanga agaragaza ko iyi ngengabitekerezo yaje kurushaho gukomera no gushyirwa mu bikorwa mu 1994 aho bamwe mu basirikare bivanze n'Interahamwe bagafatanya gukora Jenoside yakorerwaga Abatutsi.

Ati: "Mu 1994 ubwo indege ya Habyarimana yahanurwaga, ubutegetsi bwagaragaje ko n'ubundi wa mwanzi bari baratangaje akomeje gukora ishyano bahamagarira Abanyarwanda kwica bagenzi babo ndetse n'igisirikare cy'Igihugu kibijyamo. Abatutsi bicirwaga ku mabariyeri ari ho abasirikare n'Interahamwe bikitwa ko ari Inyenzi ziri kwicwa."

Ingengabitekerezo baje kuyihungana bayigisha abaturage bo muri Congo

Uyu mugabo wakomereje mu mutwe wa FDLR, avuga ko nyuma yuko batsinzwe bagahungira muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) imigambi yo kwica Abatutsi yakomeje.

Ati: "Tugeze muri Congo njye nabaye mu barindaga icyicaro cy'Ingabo. Ndibuka ko twasanze Abatutsi n'Abahutu bo muri Congo babanye neza ariko dutangira gushaka uko tubatanya. Twaremye imitwe ya girikare y'Abahutu muri za Masisi, Rutshuro n'ahandi, twababwiraga ko bagomba kwitegura kwirwanaho kuko Abatutsi bababfitiye urwango bazabica."

Yakomeje agira ati: "Iyi ngengabitekerezo y'amacakubiri ni yo yaje guhungabanya umutekano… yo yaje guhungabanya ubur-asirazuba bwa Congo na ho Abatutsi batangira kwicwa no gusahurwa. Ubu bamwe mu bo twinjije mu barwanyi icyo gihe bari mu ngabo z'Igihugu abandi bari mu mitwe yitwara gisirikare."

Ari mu bagabye ibitero bya mbere by'Abacengezi

Lt. (Demob) Bariyanga avuga ko ari mu basirikare ba Ex-FAR ba mbere bagabye ibitero mu Rwanda nk'Abacengezi mu mwaka wa 1996 na 1997. Ni ibitero byari bigamije kwisubiza ubutegetsi ndetse no kwigarurira imitima y'abaturage babangisha Leta.

Ati: "Naje ndi uwa kabiri uyoboye ibitero by'Abacengezi mu Rwanda. Naje gusubira muri Congo kugeza ubwo nagarutse noneho mu bitero bikomeye twagabye mu makomini ya Mutura, Giciye, Satinsyi ya Perefegitura Gisenyi na Nyakabanda na Buringa ho muri Gitarama. Aha hose twari duherekejwe na ya ngengabitekerezo y'amacakubiri aho twatwikaga amashuri yaba i Muramba ndetse na Komini Buringa."

Ahamya ko yakomereje mu Ndiza ariko byarangiye yitanze mu Ngabo z'u Rwanda bari bahanganye zimujyana mu Ngando arahugurwa, anatungurwa n'uburyo yakiranywe urugwiro kandi we yaritanze yumva ko yiyahuye atamara kabiri. Ati: "… Numvaga nshobora kwiturwa ibyo nakoraga ariko si ko byagenze, narigishijwe nsanga nari mu buyobe bukomeye nemera guhinduka ngafatanya n'abandi kubaka Igihugu."

Atangazwa n'ubudasa bw'Inkotanyi agahamya ko imiyoborere Igihugu gifite ari ntagereranywa, ati: "Imiyoborere nasanganye Inkotanyi n'ubuyobozi bw'iki Gihugu ni ntagereranywa. Mwambajije uko mbona ubutegetsi nabayemo n'uko mbona ubw'uyu munsi. Njye mbona ntabona uko mbigereranya. Birangoye kuba nafata ubuyobozi buzana abasirikare nkatwe bukaduha uburenganzira mu Gihugu mu gihe ababikora bo babyimwe kenshi. Nibuka ko twafataga abasirikare ku rugamba bagahita bicwa barimo umukapiteni twafatiye aha Nyagatare yakomeretse ariko agahuhurwa. Iyi miyoborere ni ntagereranywa."

Ikindi ashingiraho abona imiyoborere y'u Rwanda ko ntacyo wayigereranya na cyo ni uburyo buri muturage wese ahabwa uburenganzira busesuye bwo guhitamo iterambere rye n'iry'Igihugu muri rusange.

Yakomeje agira ati: "Ubwo nubwo nanyuze muri izo nzira zose mpanganye n'Inkotanyi, ntibyabujije ko abana banjye bahabwa uburezi aho umwe ubu ari kuri "cadette" aho yinjiye mu gisirikare nk'abandi aho ari kwiga ibijyanye n'ubuganga. Nifuza ko abagifite ingengabitekerezo y'urwango n'amacakubiri babicikaho tukiyubakira Igihugu"

Lt. (Demob) Bariyanga avuga ko yatunguwe n'iterambere yasanze mu Mutara, uhereye ku bikorwa remezo, iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi, inganda n'imiturire igenda ivugururwa, bikaba bitandukanye n'igihe yahabaye aharwanira babwirwa ko ari hato hatanaturwa n'Abanyarwanda basabaga gutahuka.



Bariyanga wari ufite ipeti rya Lietenant mu Ngabo zatsinzwe yatanze ubuhamya ku macakubiri yaranze igisirikare n'ubutegetsi bubi bwa Habyarimana

# ITANGAZO RY'ISOKO

**AVIS D'APPEL D'OFFRES (AAO) /INVITATION AUX SOUMISSIONNEURS (IAS), FOURNITURE DES MATERIELS ET MATERIAUX CONSOMABLE DE L'ANNÉE SCOLAIRE 2026/2027**

Titre du marché : **02/NTS/NOCB/2026/2027, fourniture des matériels et matériaux consommable de l'année scolaire 2026/2027**
Appel d'Offres no : **02/NTS/NOCB/2026/2027**
Nyanza Technical Secondary School (former ETO Gitarama) est situé dans le Secteur Kigoma, District de Nyanza, Province du Sud. Il invite les entreprises compétentes et expérimentées à présenter leurs offres pour **la fourniture des matériels et matériaux consommable de l'année scolaire 2026/2027**

1. Pour lequel cet Avis d'Appel d'Offres est publié. Nyanza Technical Secondary School (Nyanza TSS) sollicite des offres de la part des soumissionnaires éligibles et répondant aux qualifications requises pour fournir denrée alimentaire et d'autres matériels (Cfr DAO).
2. Les Dossiers d'Appel d'Offres rédigés en français peuvent être obtenus au secrétariat central de Nyanza TSS sur présentation d'un bordereau de paiement d'un montant non remboursable de dix mille francs rwandais (10.000 frs versé sur le compte N0 100000858778 ouvert à la Banque de Kigali.
3. Les Dossiers d'Appel d'Offres peuvent être obtenus pendant les jours ouvrables au secrétariat depuis 7/10/2026 au 27/10/2026, pendant les heures de travail.
4. Toute demande d'information relative au présent appel d'offres doit être adressée à la direction de Nyanza TSS ou téléphone le numéro 0788309436.
5. Les offres doivent ou comprennent :
   - **Lot 1 : Matériels et matériaux consommables pour la Section de BDC**
   - **Lot 2 : Matériels et matériaux consommables pour la Section de IND**
   - **Lot 3 : Matériels et matériaux consommables pour la Section de PWO**
   - **Lot 4 : Matériels et matériaux consommables pour la Section de LSV**
   - **Lot 5 : Matériels et matériaux consommables pour la Section de WOT**
   - **Lot 6 : Matériels et matériaux consommables pour la Section de ETE**
   - **Lot 7 : Matériels et matériaux consommables pour la Section de CSA**
   - **Lot 8 : Matériels et matériaux consommables pour la Section de MMP**
   - **Lot 9 : Matériels et matériaux consommables pour la Section de ELT**
   - **Lot 10 : Matériels et matériaux consommables pour la Section de REN**
   - **Lot 11 : Matériels et matériaux consommables pour la Section de MAT**
   - **Lot 12 : Matériels et matériaux consommables pour la Section de AUTO**
   - **Lot 13 : Matériels de construction pour "IND Model "**
   - **Lot 1 jusqu' au lot 13 le soumissionnaire ne doit pas présenter une garantie de soumission**
6. Les offres bien dactylographiées, doivent être remises sous prix scellés et présentés en quatre copies dont un original à la direction de Nyanza TSS à l'adresse mentionnée ci-dessus au plus tard le 27/10/2026 à 11h00. Les offres remises en retard seront rejetées.
7. L'ouverture des offres aura lieu en présence des soumissionnaires ou de leurs représentants souhaitant y assister dans la salle polyvalente de Nyanza TSS le 27/10/2026 à 11h30.
8. Le titre du marché doit être clairement mentionné sur l'enveloppe extérieure.
   L'appel d'offres sera régi par Journal Officiel n° Spécial du 22/11/2022/ loi n° 031/2022 du 21/11/2022 portant réglementation des marchés publics ainsi que Journal Officiel n° Spécial du 10/10/2023

Fait à Kigoma le 07/10/2026

**Ir. NGABONZIZA Germain**
**Directeur de NyanzaTSS**

# ITANGAZO RY'ISOKO

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA KIREHE**
**UMURENGE WA MPANGA**

**ITANGAZO RY'ISOKO RIPIGANIRWA MU MURENGE WA MPANGA**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Mpanga buramenyesha abantu bose babishaka kandi babishoboye bafite ibyangombwa bibemerera gupiganira amasoko ya Leta ko hari isoko (1) ushaka gutanga nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| Nº | Nimero y'isoko | Izina ry'isoko | Itariki n'isaha yo kwakiriraho amabahasha akubiyemo ibiciro | Itariki n'isaha yo gufunguraho amabaruwa mu ruhame | Ikiguzi cy'igitabo cy'ipiganwa |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Nº P000004/2026-2027/MPANGA SEC | Isoko ryo kugemura ibikoresho byo kubaka Ibyumba by'amashuri Kuri GS Mpanga TSS | 28/10/2026, Saa Yine za mugitondo (10h00). Uzarenza iyi saha ibahasha ikubiyemo ibiciro bye ntizakirwa. | 28/10/2026 Saa tanu za mugitondo (11h00). | 10 000 frw |

Abifuza gupiganira iryo soko, barasabwa kugura igitabo gikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Mpanga guhera tariki ya 6/10/2026 mu masaha y'akazi bakaza bitwaje inyemezabwishyu y'amafaranga Ibihumbi icumi (10 000 RWF) adasubizwa yo kugura igitabo cy'ipiganwa yavuzwe haruguru mu mbonerahamwe, Akishyurwa mu kigo k'Igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro (Rwanda Revenue Authority)

Amabahasha akubiyemo ibiciro by'abapiganwe azafungurirwa mu ruhame ku itariki n'isaha byavuzwe haruguru mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Mpanga .

Bikorewe i Mpanga ku wa 6/10/2026

**NSENGIMANA Janvier**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa MPANGA.**

# ITANGAZO RY'AKAZI

**KIMU Transport & Multiservices Ltd**

Transportation, Supplying, Computer services, Cleaning, Engineering, Works, Accommodations and Education

***ANNOUNCEMENT: RECRUITMENT OF DIRECTOR OF COMMERCIAL AND MARKETING***

**Position:** Director of Commercial and Marketing
**Location:** Kigali, Rwanda
**Employment Type:** Full-Time

We are pleased to announce an opportunity for a qualified, experienced, and results-oriented professional to join our organization as **Director of Commercial and Marketing**.

**Key Responsibilities**

- Develop and implement commercial and marketing strategies aligned with the organization's objectives.
- Lead sales and marketing activities to increase revenue and market share.
- Identify new business opportunities and develop strategic partnerships.
- Manage and strengthen relationships with customers, partners, and key stakeholders.
- Develop and monitor sales targets, budgets, and performance indicators.
- Lead and motivate the commercial and marketing team.
- Conduct market research and monitor market trends and competitors.
- Prepare regular commercial and marketing performance reports for management.
- Ensure effective promotion and positioning of the organization's products and services.

**Qualifications and Experience**

- Bachelor's degree in Marketing, Business Administration, Commerce, or a related field.
- Relevant professional experience in commercial management, sales, or marketing.
- Proven leadership and team-management skills.
- Strong communication, negotiation, and business-development skills.
- Good knowledge of the Rwandan market and business environment.
- Strong analytical, organizational, and problem-solving abilities.
- Proficiency in English and Kinyarwanda; knowledge of French is an added advantage.

**How to Apply**

Interested and qualified candidates are invited to submit their **CV, application letter** and other supporting documents on our website: www.kimutransport.com.

**Application deadline:** 05th October 2026
Only shortlisted candidates will be contacted.

**Issued on 25th September 2026 by:**
**KIMU Transport & Mulitservices Ltd**
**Managing Director**
**NKUNZIRYAYO Jean Pierre**

Email:kimutransport6@gmail.com, Website: www.kimutransport.com
Location: Gasabo-Gisozi, Tin:121516875, Tel: (+250) 798 284 312

# ITANGAZO RY'ISOKO

**Spirit of Peace and Solidarity**

+250 786 908 562
info@spsolidarity.org
www.spsolidarity.org

SPIRIT OF PEACE AND SOLIDARITY
We serve community before self

**Reg:842/RGB/NGO/LP/08/2022**

**INVITATION TO TENDER**

**1. Invitation**

Spirit of Peace and Solidarity (SPS) hereby invites **qualified and legally registered companies** to submit competitive bids for the provision of **sewing training on reusable sanitary pad production** and to supply 1,000 reusable sanitary pads. Interested are invited to visit TOR via the link https://docs.google.com/document/d/1CHm6Huq7NiWgkEh9zAqd76kljyX-0hZb/edit to learn more information.

The assignment is intended to strengthen the practical sewing and income-generating skills of **female refugees and women from the host community**.

**2. Scope of the Tender**

The successful bidder will be expected to:

- Develop and deliver a practical training module on sewing and reusable sanitary pad production;
- Supply **1,000 reusable sanitary pads** during the training period; and
- Submit a final training report.

**3. Bid Submission Requirements**

Bidders shall submit:

1. Company profile;
2. Technical proposal;
3. Financial proposal;
4. Company Registration and tax clearance Certificates;
5. ISO certificate in Reusable pads making;
6. CVs/profile of proposed trainers;
7. Any other relevant supporting documents.

**4. Submission Deadline**

**Deadline: 22 October 2026 at 5:30 PM**

**Submission method:** Electronic submission by email to this **Email:** info@spsolidarity.org

**Email Subject:**
**"Tender – Sewing Training on Reusable Sanitary Pad Production – [Bidder's Company Name]"**

Late submissions will not be considered.

Done at Kigali, on 08 October 2026

**NIYONIZIGIYE Melance**
**Executive Director**
**Spirit of Peace and Solidarity (SPS)**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**UR - HG Ltd**
University of Rwanda-Holdings Group Ltd

**AMENDMENT N°2 TO THE TENDER NOTICE**

**Title: Tender for the supply of one large bus for the transportation of University of Rwanda students**

**Client: UR-HG LTD**

**Source of funds: Generated Revenues**

UR-HG LTD would like to inform all interested bidders to the tender N0 06/G/2026/NCB/ UR-HG LTD for the supply of one large bus for the transportation of University of Rwanda students as advertised in ImvahoNshya of 23/09/2026and amended on 29/09/2026 that due to the request from interested bidders, the deadline for submission of bids has been again extended from 09/10/2026 to **20th October 2026 at 12:00 PM**. All other provisions and requirements of the tender document remain unchanged.

Done at Kigali, on 06/10/2026

**MUGESERA Narcisse**
**Managing Director/UR-HG LTD**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**UBUDASA SACCO BUGESERA**
**Akarere ka Bugesera**
E-mail:
ubudasasaccobugesera@gmail.com

**INVITATION TO TENDER**

**Procurement Reference Number:** 003/NC/RFQ/2026/USB

**Name of Tender:** Provision of Internet Connectivity Services

Ubudasa Sacco Bugesera hereby invites qualified and reputable Internet Service Providers (ISPs) to submit proposals for the provision of reliable and high-speed internet connectivity to the network of **15 branches across Bugesera District**.

The objective of this tender is to ensure seamless communication, secure data transfer, and efficient service delivery to our members through a robust and scalable internet solution.

1. The competition is open to **all duly registered and licensed Internet Service Providers (ISPs)** operating in Rwanda who meet the eligibility requirements stated in this notice.

2. Interested providers should submit their technical and financial proposals in sealed envelopes clearly marked ***"Tender for Internet Connectivity – Ubudasa Sacco Bugesera"*** to Ubudasa Sacco Bugesera'Head Office located at Nyamata City, Rugarama I Cell, no later than **29th October, 2026 at 11:00 am Local time.**

2. The tender document (RFP) may be obtained during working hours (8:00 a.m. to 5:00 p.m.) from Ubudasa Sacco Bugesera Head Office in the procurement office upon presentation of proof of payment of ten thousand **(FRW 10,000)** as non-refundable fees to the bank **Account N° 100233444116** in the name of Ubudasa Sacco Bugesera opened at Bank of Kigali (BK). The enquiries regarding this tender may be addressed to the **Managing Director** in writing on the above-mentioned address, or on phone number 0784876873/0788570371 for more clarifications.

**Note:** Late submissions will not be considered. UBUDASA SACCO reserves the right to accept or reject any proposal without providing reasons.

Done at Bugesera, on 7th October, 2026

**Pierre Claver MAZIMPAKA**
**Managing Director**

## ITANGAZO RY'ISOKO

MINISTRY OF EDUCATION
KIGALI CITY
NYARUGENGE DISTRICT
CAMP KIGALI SCHOOL

RTB | RWANDA TVET BOARD

***ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO***

Ubuyobozi bw'ishuri ryisumbuye rya **GS CAMP KIGALI TSS**, rikorera mu Murenge wa Nyarugenge, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali, buramenyesha ba Rwiyemezamirimo bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi, ko bushaka gutanga amasoko yo kugura no kugemura ibikoresho byo kwigishirizaho abanyeshuri biga muri icyo kigo.

Ayo masoko ari mu buryo bukurikira:

**Lot 1:** Kugura no kugemura ibikoresho byo mu ishami ry' ubwubatsi (**Building Construction**).

**Lot 2**: Kugura no kugemura ibikoresho byo mu ishami ryo Gutunganya ibiribwa (**Food and Beverage Operation).**

**Lot 3:** Kugura no kugemura ibikoresho byo kwigira ku murimo (DUAL TVET) ku banyeshuri bo mu ishami ryo Gutunganya ibiribwa (**Food and Beverage Operation)**

Abifuza gupiganirwa iri soko bashobora kubona igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu bunyamabanga bw'ishuri, kuva tariki ya **11/10/2026** kugeza tariki ya **05/11/2026,** mu minsi n'amasaha y'akazi; Nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi icumi **(10,000 Frw)** adasubizwa kuri konti **N°: 100005553347 ya GS CAMP KIGALI PARENTS ORG iri muri BANKI YA KIGALI (BK).**

Amabaruwa agizwe na kopi eshatu akubiyemo ibiciro agomba kugezwa imbere y'abagize akanama k'amasoko k'ishuri bitarenze tariki ya **06/11/2026** saa tatu n'iminota mirongo itanu za mu gitondo (09H50') naho gufungura amabaruwa bizakorwa mu ruhame kuri uwo munsi saa yine zuzuye (10H00) mu cyumba mberabyombi cy'ishuri rya **GS CAMP KIGALI TSS.**

Bikorewe Camp kigali tariki ya **06/10/2026**

**MUGISHA Richard**
**Umuyobozi wa GSCAMP KIGALI /TSS**
GS Camp Kigali, PO.Box : 4132 KGL, Website : www.gscampkigalischool.com Tel. (250) 783772705, Email :campkigalischool@yahoo.fr, Account: no 00043-00432843-01 BK (Primary& Sec) or 00043-00698793-25 Nursery, UMWALIMU SACCO: no 90-0096102-00.

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBLIC OF RWANDA**

**MINISTRY OF HEALTH**
**GICUMBI DISTRICT**
**RUTARE MEDICALIZED HEALTH CENTER**

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO**

Ubuyobozi bw'ikigo nderabuzima gitanga serivise zo kurwego rwa Dogiteri cya Rutare giherereye mu karere ka Gicumbi mu murenge wa Rutare buramenyesha ba rwiyemezamirimo, babyifuza kandi babifitiye ubushobozi n'ubushake, banditse mugitabo cy'ubucuruzi no muri TVA, ko hari amasoko abiri (2) apiganirwa ariyo aya akurikira:

1.Tender for Catering service
2.Tender for Fuel service

Ibitabo bikubiyemo ibisabwa n'amabwiriza agenga ipiganwa biboneka mu bunyamabanga bw'ikigo nderabuzima cya Rutare guhera taliki ya 08 ukwakira 2026 herekanywe inyemezabwishyu yishyuriweho amafranga ibihumbi icumi by'amafaranga y'u Rwanda(10.000frw) Adasubizwa kuri konti y'ikigo cy'igihugu gishinzwe imisoro n'amahoro mu Rwanda (RRA) iboneka muri banki iyariyo yose y'ubucuruzi Ishami rya Gicumbi.

Amabaruwa afunze neza yanditseho inyito y'isoko igaragara muriyi baruwa, irimo ibiciro.inyandiko y'ipiganwa imwe y'umwimerere na kopi eshatu zayo zizatangwa mubunyamabanga rusange bw'ikigo nderabuzima cya Rutare bitarenze kuwa 28 ukwakira 2026 saa Tatu z'amanywa 09h00). Italiki yo gusura ni kuwa gatanu taliki ya 09 Ukwakira 2026 isa tatu zuzuye nyuma yiyo taliki n'isaha byavuzwe nta rwiyemezamirimo numwe uzaba yemerewe gusura mukigo nderabuzima cya Rutare .

Gufungura amabaruwa arimo inyandiko z'ipiganwa bizakorwa kuwa 28 ukwakira 2026 saa saba zuzuye (13h00) mu cyumba cy'inama cy'ikigo nderabuzima cya Rutare uzakererwa ntabwo azemererwa kwinjira.

Bikorewe i Rutare kuwa 08 Ukwakira 2026

Dr.IRANKUNDA Joseph

Director of Rutare Medicalized Health Center

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURENGERAZUBA
AKARERE KA KARONGI
UMURENGE WA MUTUNTU
Email: mutuntu@karongi.gov.rw

### ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO

Ubuyobozi bw' Umurenge wa Mutuntu, uherereye mu Karere ka KARONGI, Intara y' Iburengerazuba, buramenyesha abifuza gupiganira amasoko kandi babifitiye ubushobozi ko bifuza gutanga isoko ryo kugemura ibikoresho by'ubwubatsi byo kubaka ibyumba by' amashuri mu Murenge wa Mutuntu.

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa (DAO) biboneka mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Mutuntu guhera tariki 12/10/2026 mu masaha y'akazi nyuma y'uko hishyuwe amafaranga ibihumbi icumi (10,000 Frw) ashyirwa muri RRA.

Amabahasha afunze neza akubiyemo inyandiko z'ipiganwa agomba kuba yageze mu bunyamabanga bw' Umurenge wa Mutuntu bitarenze ku wa 20/10/2026 saa tanu za mu gitondo (11h00). Nta nyandiko z`ipiganwa zizakirwa nyuma y'itariki n'isaha yavuzwe haruguru. Gufungura mu ruhame inyandiko z`ipiganwa bizaba kuri uwo munsi saa tanu n'igice za mu gitondo (11h30); ku biro by'Umurenge wa Mutuntu.

Bikorewe I Mutuntu kuwa 09/10/2026

NTAGANDA Wilson
Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mutuntu

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Iburengerazuba
Akarere ka Rusizi

### ITANGAZO RIHAMAGARIRA BA RWIYEMEZAMIRIMO GUPIGANIRA ISOKO RYO KUGEMURA IBIKORESHO BY'UBWUBATSI KURI Gs MUNYOVE

UMURENGE WA GIHEKE

Ubuyobozi bw'umurenge wa Giheke buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bwifuza gutanga isoko ryo:

- Kugemura ibikoresho by'ubwubatsi bitandukanye bigurirwa muri kenkayeri bizifashishwa mu gusana ibyumba by'amashuri byangirijwe n'umuyaga kuri Gs Munyove mu murenge wa Giheke

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa biboneka mu biro by'ubunyamabanga bw'umurenge wa Giheke mu minsi yose y'akazi kuva 9h 00 kugeza 17h00, uhereye kuwa gatatu tariki 09/10/2026.
Igitabo gihabwa umaze kwishyura amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi **(10,000 frw)** adasubizwa kuri konti y'ikigo gishinzwe kwakira imisoro n'amahoro ( **RRA** ).

Inyandiko z'ipiganwa zigomba kuba zanditswe neza mu bitabo bine (4), bifunze neza mu ibahasha yanditseho :
**Bwana UmunyamabangaNshingwabikorwa w'umurenge wa Giheke**
**GUPIGANIRA ISOKO RYO KUGEMURA IBIKORESHO BY'UBWUBATSI KURI GS MUNYOVE**.
Igitabo kimwe ari umwimerere na kopi eshatu (3), Bigomba kuba byageze ku biro by'ubunyamabanga bw'umurenge wa Giheke, bitarenze kuwa gatatu tariki 10/11/2026 saa yine za mugitondo (10h00). Inyandiko zizaza nyuma y'iyi saha ntizizakirwa. Gufungura amabahasha ni kuri uwo munsi saa yine n'igice (10h30) za mugitondo mu cyumba cy'inama cy' umurenge wa giheke.

**Bikorewe i Giheke, kuwa 09/10/2026**

**NGAMIJE Ildephonse**
Umunyamabanga Nshingwabikorwa
w'umurenge wa Giheke

## ITANGAZO RY'ISOKO

**ISHURI RYISUMBUYE RYA BISHYIGA,**
**Tel 0788433836**

### ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO

Ubuyobozi bw'Ishuri Ryisumbuye rya Bishyiga bufatanije n'akanama gashinzwe gutanga amasoko muri iryo shuri buramenyesha ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi babishoboye ko ryifuza gutanga isoko mu mwaka w'amashuri wa 2026/2027 ku buryo bukurikira:

| Inyito y'isoko | Ikiguzi cy'igitabo | Ingwate y'inyandiko y'ipiganwa | Umunsi n'isaha byo kurangiza gutanga inyandiko z'ipiganwa | Umunsi n'isaha byo gufungura inyandiko z'ipiganwa |
|---|---|---|---|---|
| ISOKO RYO KUGEMURA IBIKORESHO BYIFASHISHWA N'ABANYESHURI. | 10000frw | NTAYO | 16/10/2026 Saa Sita zuzuye (12h00) | 16/10/2026 Saa saba Zuzuye (1300) |

1.Igitabo gikubiyemo ingano y'ibikenewe ndetse n'ibindi bisabwa kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri mu minsi y'akazi, hamaze kwishyurwa amafaranga 10000 frw y' ikiguzi cy'igitabo adasubizwa ashyirwa kuri Konti No 477334961110154 ibarizwa muri banki y'abaturage y'u Rwanda.
2.Inyito y'isoko upiganira niyo yonyine igomba kugaragara inyuma ku ibahasha ikubiyemo inyandiko z'ipiganwa ifunze neza;
3.Abifuza iri soko basabwe kuba bagejeje inyandiko z'ipiganwa zanditse n'imashini kandi zifunze neza mu mabahasha abiri, imwe irimo igitabo cy'umwimerere:original indi irimo fotokopi yacyo mu biro by'ishuri bitarenze tariki ya 16/10/2026 saa sita zuzuye (12h00);
4.Gufungura amabahasha bizaba uwo munsi tariki ya 16/10/2026 saa saba zuzuye (13h00) mu cyumba cy' inama cy'ishuri rya E.S Bishyiga.
Inyandiko z'ipiganwa zikerewe ntizihabwa agaciro n'akanama gashinzwe amasoko.
Ushaka ibindi bisobanuro kuri iri soko yahamagara kuri Tel No **0788433836/0782422021**

Bikorewe mu Bishyiga kuwa 7/10/2026
**SINAYOBYE Joseph**
Umuyobozi wa E.S Bishyiga

CamScanner

## ITANGAZO RY'ISOKO

### ITANGAZO RY' IPIGANWA

Umurenge wa **Nzahaha** uramenyesha ba Rwiyemezamirimo / Company/ sosiyete / bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko wifuza gutanga isoko ryo kugemura ibikoresho bya biro n' isuku by ' Umurenge wa Nzahaha

Abifuza gupiganira iri soko ryavuzwe haruguru bashobora kubona igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa NZAHAHA, guhera tariki ya **09/10/ 2026.** Igitabo gikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa cyishyurwa amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi **(10,000 Frw)** yishyurwa kuri konti ya RRA (Rwanda Revenues Authority).

Amabahasha afunze neza arimo ibiciro agomba kuba yagejejwe mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa NZAHAHA bitarenze kuwa kane tariki ya **22/10/2026.** Saa **yine (10h00)** za mu gitondo. Gufungura amabahasha mu ruhame bizakorwa kuri uwo munsi tariki ya 22/10/2026 saa yine n' igice **(10:30 a.m)** mu cyumba cy'inama cy' Umurenge wa NZAHAHA.

Bikorewe i Nzahaha, kuwa **07/ 10 / 2026**

**NIYIBIZI Jean de Dieu**
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Umurenge wa Nzahaha

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU REF.Nº **RMT-2026-867595** CYO KUWA **25/08/2026** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA BANKI IBEREWEMO;

USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU YUBATSE MU KIBANZA GIFITE **UPI: 5/02/10/04/394,** IHEREREYE MU MUDUGUDU WA KAKIRAGE, AKAGARI KA KAKIRAGE , UMURENGE WA NYAGATARE, AKARERE KA NYAGATARE, INTARA Y'IBURASIRAZUBA.

| NO | UBUTAKA | UPI | AGACIRO | 5% INGWATE Y'IPIGANWA |
|---|---|---|---|---|
| 1 | UBUTAKA BWUBATSEMO INZU | 5/02/10/04/394 | 4.460.000 Frw | 0 Frw |

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI CYAMUNARA IZABERAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO 3 | KUVA KUWA **10/10/2026** KUGEZA **17/10/2026** | SAA YINNE (10H00) |

- CYAMUNARA IZAKORWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA IPIGANWA RIZAKORERWA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW. ABIFUZA GUPIGANWA BAGOMBA KUBANZA
- ABIFUZA GUPIGANWA BAGOMBA GUSURA UMUTUNGO NI BURI MUNSI MUMASAHA Y'AKAZI
- AMAFARANGA Y'UBWISHYU AZASHYIRWA KURI KONTI **Nº 102037300350101** IRI MU MAZINA YA NGENDAHAYO JEAN D'AMOUR.IRI MURI VISION FUND RWANDA(V.F.R)GUSURA UMUTUNGO NI BURI MUNSI MINSI Y'AKAZI GUHERA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMO ZA NIMUGOROBA MU MINSI Y'AKAZI
- UWAKENERA IBINDI BISOBANURO YAHAMAGARA KURI Nº ZA TELEPHONE IGENDANWA : **0785 83 04 57.**

**BIKOREWE I KIGALI, KUWA 10/09/2026**

**USHINZWE KUGURISHA INGWATE**
**NGENDAHAYO JEAN D'AMOUR**

NGENDAHAYO J.D'Amour
Appointed Receiver
TEL: 0785830457 / 0739649580

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**Me NAHIMANA François**
**USHINZWE KUCUNGA/KUGURISHA INGWATE**
**TEL : 0781007343 RUBAVU/RWANDA**
**Email : nahimanafrancois@gmail.com**

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA RY' UMUTUNGO UTIMUKANWA**

KUGIRA NGO HARANGIZWE ICYEMEZO CY' UMWANDITSI MUKURU MURI RDB GIFITE REF No : PMT-2026-621522 CYO KUWA 04/09/2026 CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HAGAMIJWE KWISHYURA UMWENDA WA VISIONFUND RWANDA ( VFR) LTD.

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE NAHIMANA FRANCOIS ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA KUNSHURO YA MBERE UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE NUBUTAKA BWUBATSWEHO INZU YOGUTURAMO UBARUWE KURI UPI 5/06/13/01/2618 UHEREREYE MUMUDUGUDU WA KIRIKO, AKAGARI KA GAFUNZO, UMURENGE WA SAKE AKARERE KA NGOMA, INTARA Y' IBURASIRAZUBA, KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA BANKI IBEREWEMO.

**UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MUBURYO BWIKORANABUHANGA MUGIHE UMUTUNGO UTABA UGUZWE KUNSHURO YA MBERE CYANGWA IYAKABIRI :**

| CYAMUNARA | IGIHE IZATANGIRIRA | IGIHE IZARANGIRIRA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| KU INSHURO YA 1 | 18/10/2026 | 25/10/2026 | SAA KUMINIMWE 17H00 ZUMUGOROBA |
| KU INSHURO YA 2 | 27/10/2026 | 03/11/2026 | SAA KUMINIMWE 17H00 ZUMUGOROBA |
| KU INSHURO YA 3 ARI NAYO YANYUMA | 05/11/2026 | 12/11/2026 | SAA KUMINIMWE 17H00 ZUMUGOROBA |

UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BUNGANA NA 451 SQM UKABA UFITE AGACIRO KARI KW' ISOKO KANGANA NA 3,600,000FRW CYAMUNARA IZAKORWA MUBURYO BW' IKORANABUHANGA.

GUSURA UMUTUNGO BIKORWA IMINSI YOSE GUHERA KU ITARIKI YA 05/10/2026 KUVA SAA MBIRI ZA MUGITONDO ( 08H00) KUGEZA SAA KUMI NIMWE ZA NIMUGOROBA ( 17H00).
. ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NUMERO YA TELEPHONE IGENDANWA IKURIKIRA : 0781007343
. IFOTO NIGENAGACIRO BY'UMUTUNGO UGURISHWA BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW' IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA RIBONEKA KURUBUGA WWW.IECMS.GOV.RW

**NB** : UZATSINDIRA KWEGUKANA UYUMUTUNGO AZISHYURA ACISHIJE UBWISHYU BWE KURI KONTI N0 : 100250096687 YITWA PBA/IRANGIZWA RY'INYANDIKOMPESHA IRI MURI BANK OF KIGALI PLC.

BIKOREWE I RUBAVU KUWA 07/10/2026

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE
ME.NAHIMANA FRANCOIS

APPOINTED RECEIVER
TEL:0781007343 / 0788417821
NAHIMANA FRANCOIS

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**BPIL** **BPIL Law Firm**
**Professional Bailiff Office**
E-mail: bpil.nedi@gmail.com; Phone: +250 788 469 853; KIGALI-RWANDA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'UMUTUNGO UTIMUKANWA PLOT 3214**

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA Nº : **PMT -2026-076806** CYO KU WA 21/08/2026 KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA WA **VM FINANCING LTD** ;

HASHINGIWE KU MABWIRIZA Y'UMWANDITSI MUKURU Nº 001/2020/ORG YO KU WA 12/06/2025 AGENGA IBYEREKEYE GUKODESHA KUGURA MU CYAMUNARA NDETSE NO KWEGUKANA INGWATE NK'UKO BYAVUGURUWE KUGEZA UBU ;

USHINZWE KUGURISHA INGWATE **Me CLAUDINE BANKUNDIYE** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO HAZAGURISHWA MU CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UBARUYE KURI UPI : **UPI:1/03/10/02/3214** UHEREREYE MU MUDUGUDU WA GIHANGA, AKAGARI KA NONKO , UMURENGE WA NYARUGUNGA, AKARERE KA KICUKIRO , UMUJYI WA KIGALI ;

UWO MUTUNGO INZU YO GUTURAMO YUBATSE MU KIBANZA GIFITE UBUSO BW'UBUTAKA BUNGANA NA **546sqm,** AGACIRO FATIZO KANGANA **146,500,000 FRW**

**IPIGANWA MU CYAMUNARA RITEYE KU BURYO BUKURIKIRA :**

| INCURO/ ROUNDS | ITARIKI CYAMUNARA ITANGIRIRAHO | ITARIKI CYAMUNARA IRANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|---|
| Round 3 | 08/10/2026 | 15/10/2026 | 11H00' |

IPIGANWA RIKORWA HIFASHISHIJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA , KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW ARI NAHO MUZASANGA IFOTO N'IGENAGACIRO BY'UMUTUNGO.
UPIGANWA MURI CYAMUNARA AGOMBA KUBANZA KWISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA **5%** Y'AGACIRO K'UMUTUNGO UGURISHWA ANGANA NA **7,325,000 FRW,** YISHYURWA HIFASHISHIJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA URUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW ARI NAHO HAKOMOKA KODE YO KWISHYURIRAHO.
UWATSINDIYE UMUTUNGO MURI CYAMUNARA AMAFARANGA YISHYURWA KURI KONTI **Nº 100250096687** IFUNGUYE MURI BANKI YA KIGALI **(BK)** MU MAZINA YA **PBA/IRANGIZWA RY'INYANDIKOMPESHA**
GUSURA UWO MUTUNGO BIKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.
KUBINDI BISOBANURO MWABARIZA KURI NIMERO YA TELEPHONE:**0788469853**
**BIKOREWE I KIGALI KUWA 07/10/2026**

**Me CLAUDINE BANKUNDIYE**
**USHINZWE KUGURISHA INGWATE**

RECEIVER
Me BANKUNDIYE Claudine
Tel: 0788469853 / 0728469852

TIN: 119771584 Kigali – Rwanda -Nyarugenge –Nyamirambo

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MURWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU REF: N0: **2026-220412** CYO KUWA 16/09/2026 CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA BANKI IBEREWEMO; HASHINGIWE KU MABWIRIZA Y'UMWANDITSI MUKURU N⁰ 002/2021/ORG YO KUWA 29/06/2021 AHINDURA AMABWIRIZA Y'UMWANDITSI MUKURU NO 001/2020/ORG YO KUWA 12/05/2020 AGENGA IBYEREKEYE GUCUNGA, GUKODESHA, KUGURISHA MU CYAMUNARA NO KWEGUKANA INGWATE

USHINZWE KUGURISHA INGWATE **Me ZANINKA Fatina** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE PARISELI IRIMO INZU URI MU KIBANZA GIFITE **UPI: 5/01/10/05/10921,** UHEREREYE MU NTARA Y'IBURASIRAZUBA, AKARERE KA RWAMAGANA, UMURENGE WA MUYUMBU, AKAGALI KA NYARUKOMBE, UMUDUGUDU WA RUBONA.

UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANA BUHANGA

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI/ CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO N'UWO IZARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO YA MBERE (1) | IPIGANWA RIZATANGIRA KUWA **19/10/2026** RIHAGARARE KUWA **26/10/2026** | SAA TANU (11H00) |
| INSHURO YA KABIRI (2) | IPIGANWA RIZATANGIRA KUWA **26/10/2026** RIHAGARARE KUWA **04/11/2026** | SAA TANU (11H00) |
| INSHURO YA GATATU (3) ARI NAYO YANYUMA | IZATANGIRA KUWA **06/11/2026** IRANGIRE KUWA **13/11/2026** | SAA TANU (11H00) |

- UMUTUNGO UGURISHWA NI PALISELI IRIMO INZU
- UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BWA METERO KARE **170Sqm**
- UMUTUNGO UGURISHWA UFITE **UPI: 5/01/10/05/10921**
- UFITE AGACIRO KARI KU ISOKO KANGANA NA **3.740.000Frw**

- USHAKA GUPIGANIRWA, UWO MUTUNGO ATANGA IBICIRO BINYUZE KU RUBUGA RW'INYANDIKOMPESHA ZIRANGIZWA ARIRWO www.cyamunara.gov.rw

- UZATSINDIRA UMUTUNGO UGURISHWA AGOMBA KWISHYURA UMUTUNGO YATSINDIYE AVERISHIJE KURI COMPTE **nº100250096687** YITWA **PBA/IRANGIZWA RY'INYANDIKOMPESHA** IRI MURI BANK OF KIGALI PLC..

- GUSURA UMUTUNGO NI BURI MUNSI, MU MINSI Y'AKAZI GUHERA SAA TANU Z'AMANYWA (11H00 AM) KUGERA SAAKUMI Z'UMUGOROBA (16H00 PM)

- UWAKENERA IBINDI BISOBANURO YAHAMAGARA KURI NO ZA TELEFONE IGENDANWA: **0788638480/0781583967**

BIKOREWE I RUBAVU KUWA 05/10/2026
USHINZWE KUGURISHA INGWATE
**Me ZANINKA FATINA**

## ITANGAZO RY'ISOKO

Ishuri rya FAWE Girls school GAHINI riherereye mu karere ka Kayonza ririfuza gutanga isoko ry'umwaka w'amashuri wa 2026-2027 riteye ku buryo bukurikira.

Lot 1: Isoko ryo kugemura ibikoresho by'amazi n'umriro

Lot 2: Isoko ry'ibikoresho byo mu biro n'ibikoresho bya Pratique

Abifuza gupiganira iryo soko bazasanga agatabo gakubiyemo amabwiriza agenga iryo soko mubunyamabanga bw'ishuri guhera kuwa 19/10/2026 kuminsi y'akazi bamaze kwishyura amafaranga ibihumbi icumi (10,000Frw) kuri konti y'ishuri 00057-00300403-58 iri mu bank ya Kigali (BK)

Abapiganwa bazageza amabahasha afunze neza mu bunyamabanga bw'ishuri bitarenze ku itariki ya 30/10/2026saa yine za mugitondo (10:00). ku ibahasha hagomba kuba handitseho izina ryishuri n'isoko upiganira,harimo igitabo cy'umwimerere na copies ebyiri.

Amabahasha azafungurwa ku mugaragaro kuri uwo munsi tariki ya 30/10/2026 Saa yine n'igice (10:30) Za mugitondo

Bikorewe I Gahini ku wa 07/10/2026

Sr Felicite MUKASHEMA

Umuyobozi w'ishuri

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
Akarere ka Nyamagabe

**UMURENGE WA KIBILIZI**

**ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Kibilizi buhamagariye abantu bose bujuje ibisabwa kandi babyifuza ko bushaka gutanga isoko ryo kugemura ibikoresho by'ubwubatsi biva mu nganda n'ibikoresho by'ubwubatsi bitava mu nganda byo kubaka Akagari ka Bugarura. Abifuza gupiganirwa iryo soko bashobora kubona igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu biro by'Ubunyamabanga bw'Umurenge guhera tariki ya **09/10/2026** saa tatu za mu gitondo **(9:00 AM )**, nyuma yo kwishyura amafaranga y'u Rwanda **ibihumbi cumi (10,000 Frw)** adasubizwa yo kugura igitabo cy'ipiganwa. Aya mafaranga atangwa kuri konti numero **481380615610173** ya RRA-decentralized taxes/Nyamagabe District ifunguye muri BPR cyangwa konti numero **00636212-22** ya RRA-decentralized taxes/Nyamagabe District ifunguye muri Banki ya Kigali.

Dosiye zifunze neza zipiganira iri soko zigomba kuba zageze mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Kibilizi bitarenze kuwa **15 Ukwakira 2026** saa sita n'igice **(12:30 PM)**,kuri uwo munsi saa munani **(14:00 PM)** hazafungurwa amabaruwa ku mugaragaro yo kureba abatsinze.

Bikorewe i Kibilizi kuwa **08/10/2026**

**MUHIRWAP Elias**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa **KIBILIZI**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO**

Ubuyobozi bw'ishuri rya **ES KAVUMU/TSS** riherereye mu karere ka **NGORORERO**, Umurenge wa **KAVUMU** buramenyesha abantu bose babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko bwifuza gutanga isoko ry'ibikoresho byo kwigiraho bishira (**consumables**) no **kugemura ibiribwa byo kugaburira Abanyeshuri biga Imyuga y'igihe gito** (Amezi Atandatu) muri uyu mwaka w'amashuri **2026-2027**.

- Ibikoresho bizakenerwa ni ibyo mu mashami ya **Wood technology** na **Manifacturing Technology .**
- Ibiribwa bizakenerwa ni **Ibishyimbo, Akawunga, umuceri, Ifu y'imvange, Isukari n'Umunyu.**

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza arambuye agenga iri soko mwabisanga ku bunyamabanga bw'iri shuri guhera ku wa **14/10/2026** mu masaha y'akazi, bitwaje bordereau yishyuriweho 10000 frs adasubizwa kuri konti No **72899** iherereye mu **UMWALIMU SACCO**,

Amabahasha afunze neza arimo **ibitabo 2** ( kimwe cy'umwimerere na kopi imwe) bizagezwa mu biro by'ubunyamabanga (secretariat) bw'ishuri bitarenze itariki ya **03/11/2026** saa sita z'amanywa (**12h00**) zuzuye ; amabaruwa akazafungurirwa mu ruhame kuri uwo munsi saa saba zuzuye ( **13h00**) ku biro bya **ES KAVUMU/TSS**.

Abifuza ibindi bisobanuro bagana ibiro by'ishuri mu masaha y'akazi, cyangwa bagahamagara kuri imwe muri izi telephones: **0786001050/ 0783081008/ 0794399131.**

Bikorewe kuri **ES KAVUMU/TSS** ku wa **12/10/2026**

**NSHIMIYIMANA Wellars**

Umuyobozi w'Ishuri rya **ES KAVUMU/TSS**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'UMUTUNGO UTIMUKANWA**

KUGIRA NGO HASHYIRWEHO MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU **N°: PMT-2026-128267** CYO KUWA 08/09/2026 CYO KUGURISHA INGWATE KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA W'IKIGO CY'IMARI, USHINZWE KUGURISHA INGWATE **Me BIZAGWIRA Gabriel** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA **UBUTAKA BWAGENEWE UBUHINZI** BUBARUYE **UPI: 5/05/03/05/411** GIFITE UBUSO BWA **6002 m²**, BUHEREREYE MU MUDUGUDU WA MAREMBO, AKAGARI KA NYANKURAZO, UMURENGE WA KIGARAMA, AKARERE KA KIREHE, INTARA Y'IBURASIRAZUBA.

**INGENGABIHE YA CYAMUNARA ITEYE KU BURYO BUKURIKIRA:**

| CYAMUNARA (INSHURO) | UMUNSI, UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO IKANARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO YA KABIRI | IZATANGIRA KUWA 14/10/2026 IZARANGIRE KUWA 21/10/2026 | SAA YINE ZA MUGITONDO (10H00) |
| INSHURO YA GATATU (ari na yo ya nyuma) | IZATANGIRA KUWA 23/10/2026 IZARANGIRE KUWA 30/10/2026 | SAA YINE ZA MUGITONDO (10H00) |

-AGACIRO K'UMUTUNGO KARI KU ISOKO NI AMAFARANGA **3.600.000 FRW**

-IPIGANWA RIZAKORWA HIFASHISHIJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA KU RUBUGA RWA CYAMUNARA ARIRWO "www.cyamunara.gov.rw ".

-UZEGUKANA INGWATE MURI CYAMUNARA AZISHYURA IGICIRO YATANZE KURI KONTI **N° 100250096687** YITWA BPA / IRANGIZWA RY'INYANDIKOMPESHA IRI MURI BANK OF KIGALI PLC.

-GUSURA UMUTUNGO BIKORWA BURI MUNSI GUHERA SAA YINE ZA MUGITONDO (10H00) KUGEZA SAA KUMI Z'UMUGOROBA (16H00).

-IFOTO N'IGENAGACIRO BY'UWO MUTUNGO KANDI BIBONEKA HIFASHISHIJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA KU RUBUGA: www.cyamunara.gov.rw.

UWAKENERA IBINDI BISOBANURO YAHAMAGARA KURI TELEFONI: **0788580746** CYANGWA **0787777968.**

BIKOREWE I KARONGI, KUWA 12/10/2026

**USHINZWE KUGURISHA INGWATE**
**Me BIZAGWIRA Gabriel**

BIZAGWIRA Gabriel
Appointed Receiver
Tel:0788580746

# *Abanyamwuga ba filimi nyarwanda bagiye kumurika ikinamico muri USA*

**MUTETERAZINA Shifah**

***Itsinda ry'Abanyamwuga ba filimi nyarwanda bagiye kwerekana imikino itatu y'ikinamico muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, bifatwa nk'intambwe ikomeye mu iterambere rya sinema mu Rwanda.***

Ni itsinda rigizwe n'abarimo Clapton Kibonge, umuhanzi n'umukinnyi wa filimi akaba n'umunyeshuri muri Mashariki Arts Academy; Simon Iyarwema, inzobere mu buhanzi, filimi, ibikorwa by'umuco, gutoranya abakinnyi no gutegura ibirori.

Hari kandi Nahimana Clémence uzwi nka Feruje na Shenge, ukora filimi nka Producer n'umuyobozi wazo, akaba n'umukinnyi wa filimi ndetse n'umwe mu banditsi b'ikinamico Musekeweya; na Shyaka A. Adolphe umucuranzi wa gitari.

Ni kimwe mu bikorwa bizakorwa mu ruzinduko abagize iryo tsinda barimo rugamije guteza imbere ubufatanye hagati y'abakora umwuga w'ikinamico mu Rwanda no muri Amerika, kungurana ubumenyi no kumenyekanisha inkuru zishingiye ku muco n'ubuzima bw'Abanyarwanda.

Iby'ayo makuru y'imikino bazamurika yatangajwe na Clapton Kibonge ubwo yaganiraga n'itangazamakuru agaragaraza ko irimo ibiri yateguwe n'itsinda ryabo n'undi umwe bazakorana n'abahanzi bo muri Amerika.

Yagize ati: "Dufite imikino itatu izakinwa. Ibiri ni iyacu, undi ni uwo tuzafatanya n'abo muri Amerika."

Iyo mikino izamurikirwa muri gahunda ya Hattiloo Theatre yiswe "We Choose Tomorrow", aho hateganyijwe ibikorwa bitatu bihuriza hamwe abahanzi b'Abanyarwanda n'Abanyamerika b'Abirabura, bikibanda ku guhangana n'ibibazo, ubutwari, umwirondoro n'icyo abantu basigira abazabakomokaho.

Mu mikino izamurikwa harimo uwitwa "Umuganda: The Choice to Live", igaragaza uburyo amacakubiri yasenya imibanire y'abantu, akabambura ibyishimo. Icyakora, inagaragaza ko bishoboka kongera kwiyunga, kubaka umubano no guhitamo ubuzima burangwa n'ubumwe, imbaraga n'ibyishimo.

Umwanditsi w'uwo mukino yifashishije 'Umuganda' uzwi cyane mu Rwanda nk'igikorwa rusange cy'abaturage cyo kwita ku bidukikije no guteza imbere imibereho y'aho batuye.

Awugaragaza nk'umwanya wo gutekereza ku gaciro ko gukorera hamwe no kubaka ejo hazaza hahuriweho., muri iyi kinamico igitekerezo cy'ubufatanye cyaguwe kigakoreshwa mu kugaragaza uko abantu bashobora kongera kwiyubaka no kugarura icyizere mu buzima bwabo.

Hazamurikwa kandi undi witwa "Ndabaga", uvuga ku nkuru y'umukobwa ukiri muto uhagurukira guhangana n'imyumvire ishyira imipaka ku byo abagore bashobora kugeraho. Ugaragaza ko ubutwari n'uguharanira ibyo umuntu yemera bishobora gutuma agera ku byo abandi babona nk'ibidashoboka.

Amatsinda yombi kandi azahurira ku wundi mukino bise,"What We Carry", ukoresheje imivugo iherekejwe n'imikinire y'ikinamico n'imbyino, uzibanda ku byo abantu baragwa n'ibisekuruza bibabanziriza, ibyo bahitamo kureka n'indangagaciro bahitamo gusigira abazabakomokaho.

Ni intambwe igaragaza ko uru rugendo rutagamije kwerekana gusa ibikorwa byakozwe n'Abanyarwanda, ahubwo runafite intego yo guhuza imbaraga z'abahanzi bo mu bihugu byombi, bakarema ibikorwa bihuriza hamwe ubunararibonye, imico n'uburyo butandukanye bwo kubara inkuru, imbere y'abantu ku rubyiniro.

Kumurikwa kw'iyo mikino n'ubufatanye hagati y'amatsinda yombi bishimangira guhuza imbaraga z'abahanzi bo mu bihugu byombi, bakarema ibikorwa bihuriza hamwe ubunararibonye, imico n'uburyo butandukanye bwo kubara inkuru binyuze ku rubyiniro no guteza imbere sinema.

Bikaba biteganyijwe ko iyo mikino izerekanwa kuva tariki 22 Ukwakira 2026 kugeza tariki 25 Ukwakira 2026.




**Itsinda ry'abakinnyi ba filimi mu Rwanda rigiye kumurika imikino ishimangira ubudaheranwa**

# Zamalek SC yitegura gukina na APR FC yageze i Kigali

SHEMA Ivan

***Ikipe ya Zamalek yo mu Misiri yitegura gukina na APR FC umukino ubanza mu ijonjora rya kabiri rya CAF Champions League, yageze i Kigali.***

Mu rukerera rwo ku wa Kabiri, tariki ya 13 Ukwakira 2026, ni bwo abakinnyi, abatoza n'abaherekeje iyi kipe bageze ku Kibuga Mpuzamahanga cy'Indege cya Kigali, i Kanombe.

Iyi kipe yageze mu Rwanda ari intare yakomeretse dore ko ku Cyumweru yatsinzwe ibitego 2-0 na mukeba wayo Al Ahly SC mu mukino w'Umunsi wa Gatandatu wa Shampiyona y'Icyiciro cya Mbere mu Misiri.

APR FC izakira Zamalek mu mukino ubanza w'ijonjora rya kabiri rya CAF Champions League uteganyijwe ku wa Gatanu tariki 16 Ukwakira 2026, saa kumi n'ebyiri z'umugoroba kuri Sitade Amahoro.




Zamalek SC yiteguye gukina na APR FC yageze i Kigali



Zamalek yo mu Misiri yitegura gukina na APR FC ku wa Gatanu tariki ya 19 Ukwakira 2026, yasesekaye i Kigali

Umukino wo kwishyura uzabera i Cairo mu Misiri, tariki ya 24 Ukwakira 2026. Ikipe izakomeza hagati y'impande zombi izahita ikatisha itike yo gukina imikino y'amatsinda y'iri rushanwa rihuza amakipe yabaye aya mbere iwayo.

APR FC yasezereye Les Aigle du Congo yo muri Repubulika Iharanira Demokarsi ya Congo (RDC) mu ijonjora rya mbere, mu gihe Zamalek SC yasezereye AS Port yo muri Djibouti.

# Rwanda Premier League yashyizeho uburyo bwihariye bwo kwinjiza abanyabigwi ku bibuga



Hashyizweho uburyo bwihariye bwo kwinjiza ku mikino abahoze bakinira Amavubi, abatoza n'abayobozi ba tekiniki mu makipe akina muri BK Pro League



Abakanyujijeho mu Mavubi bagenewe umwanya wihariye muri stade zo mu Rwanda

SHEMA Ivan

***Urwego rushinzwe Shampiyona y'Icyiciro cya Mbere mu Rwanda (Rwanda Premier League), rwashyizeho uburyo bwihariye bwo kwinjiza ku mikino abahoze bakinira Amavubi, abatoza n'abayobozi ba tekiniki mu makipe akina muri BK Pro League, abasifuzi n'abakomiseri b'imikino.***

Mu itangazo uru rwego rwashyize hanze ku wa Mbere tariki ya 12 Ukwakira 2026, rwavuze ko sitade zifite munsi y'imyanya 5 000 zizajya zigena imyanya 25, naho izirenze iyo mibare zigene 50."

Iyi myanya izajya itegurwa ahantu hatwikiriye neza muri sitade cyangwa mu gice cya VIP, bitewe n'imiterere ya sitade. Ntabwo izajya igurishwa cyangwa ngo ishyirwe muri sisiteme ikoreshwa mu kugurisha amatike amakipe yakiriye azajya anemererwa kwinjiza abahoze bayakinira."

Uru rwego kandi rwavuze ko ku bufatanye n'Ishyirahamwe ry'Abakiniye Ikipe y'Igihugu 'Amavubi' [FAPA] n'iry'abatoza b'umupira w'amaguru bazajya bategura urutonde rw'abemerewe kwicara muri iyi myanya, rukazagezwa ku ikipe yakiriye umukino ku munsi wawo.

Iki cyemezo cyitezweho gukemura bimwe mu bibazo byagiye bigaragara mu myinjirize y'abahoze ari abakinnyi n'abatoza ku bibuga bitandukanye.

Imvaho Nshya
Siporo



Nº. E-76 TARIKI 6 - 12 UKWAKIRA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Perezida Kagame yijeje ko u Rwanda ruzateza imbere isiganwa ry'imodoka nto ku Isi, Formula 1

IBIKURIKIRA URUP.1



U Rwanda rwahawe kwakira Formula 1 mu myaka 10, guhera mu 2030

10, guhera mu ntangiro za 2030, mu birori byabereye mu nyubako ya BK Arena.

Yagize ati: "Uyu munsi, nishimiye gutangaza ku mugaragaro ko u Rwanda rumaze igihe rushyira imbaraga nyinshi mu myiteguro yo kwakira isiganwa rya Formula 1 African Grand Prix mu ntangiriro ya 2030."

Yakomeje agira ati: "U Rwanda rwishimiye kandi rufite amatsiko yo kugira uruhare muri uru rugendo ruzahindura uburyo Afurika ibonwa mu ruhando rwa siporo ku Isi."

Perezida Kagame yakomeje avuga ko Umugabane wa Afurika ufite ubushobozi bwo kuzamura ireme rya siporo yo gusiganwa mu modoka.

Yagize ati: "Ubu bufatanye bwari butegerejwe igihe kirekire kandi ni intsinzi ku Mugabane wose wa Afurika. Icyo dukeneye ni uko 'African Grand Prix' iharurira inzira andi marushanwa akabera kuri uyu Mugabane."

Umuyobozi Mukuru wa Formula 1, Stefano Domenicali, yavuze ko umunsi utari uwo gutangaza gusa ko hagiye kuba Grand Prix muri Afurika, ahubwo uyu munsi ni intangiriro y'igice gishya mu mateka ya Formula 1.

Yavuze ko amarushanwa ya Formula 1 asanzwe abera mu bice bitandukanye cyane kandi hafite amateka akomeye ku Isi gusa mu gihe kirekire, hari umugabane umwe wari utarabona umwanya ukwiriye muri uru rugendo rwacu, uwo ni Afurika.

Ati: "Afurika ni Umugabane ukungahaye ku mateka, umuco, udushya, impano n'amahirwe menshi. Ni Umugabane urangwa n'imbaraga, ubushobozi bwo guhangana n'ibibazo ndetse n'ubushobozi butagira imipaka bwo gukomeza gutera imbere."

Tumaze imyaka myinshi tuvuga ko twifuza kugaruka muri Afurika, ariko buri gihe twashimangiraga ko tugomba kubikora mu buryo bukwiye, dufite icyerekezo gikwiye kandi dufatanyije n'umufatanyabikorwa ukwiriye. Uwo mufatanyabikorwa ni u Rwanda."

Iri rushanwa ryaherukaga kubera ku Mugabane wa Afurika mu myaka 33 ishize, aho icyo gihe ryabereye muri Afurika y'Epfo.

Biteganyijwe ko mu minsi iri imbere hazatangazwa amakuru arambuye ajyanye n'itariki isiganwa rya mbere rizaberaho, ibyiciro byo kubaka ikibuga cy'amasiganwa ndetse na gahunda y'ibikorwa bizajya biba mu mpera z'icyumweru cy'amarushanwa.



Ibirori byo guha u Rwanda kwakira Formula 1 byabereye muri BK Arena